

Yitaho, Na We ?
Jeffersonville, Indiana, USA
21 Nyakanga 1963

1 Urakoze, mwene Da. Tugume duhagarare rwose umwanya noneho ku bw'isengesho. Noneho, hamwe n'imitwe yacu yunamyeye, hari ubusabe bwashyirahwe, cyangwa ahubwo bari bushake kumenyesha neza n'ikiganza kizamuye? Muzamure gusa ikiganza gutya, neza, murinde neza ubusabe bwanyu noneho.

2 Data wa twese wo mu ijuru, turakwegereye indi nshuro y'inyongera ku bw'ubu busabe buri. . . bafite ibiganza bizamuye mu kirere. Kandi iki gitondo, bakeneye, Mwami, ibintu byinshi. Uzi mu by'ukuri icyo batekereza mu mutima wabo, kuko Uri Ijambo, kandi Ijambo rirondora ibitekerezo n'ibyo umutima ugambirira. Kandi ndagusaba, Mana y'inyempuhwe cyane, gusubiza buri umwe muri bo bijyanye n'ibyo akeneye, mu gihe tubizi, ko Uzabikora bijyanye n'ukwizera kwabo. Duhe kwizera mu gihe noneho tuvuga Ijambo Ryawe, Mwami, kandi rishobore kubyutsa kwizera muri bo. Dufashe kuvuga Ijambo Ryawe, kuko Ijambo Ryawe ari Ukuri, Rishobore kubyutsa kwizera kugira ngo tubone gusubizwa k'ubwo busabe.

Kandi nyuma, birashoboka ko aha hari abandi, Mwami, bitandukanyije n'iyi Nzira ifunganye, bagenda badakurikiza ukuri kw'iyi Nzira. Turasaba, Data, ko ikintu runaka gikorwa uyu muni, ibyo bigaragazwe ku buryo bazagaruka bihuta muri icyo Nzira yo gusangira, indi nshuro, hamwe na Krisitu. Igihe kirakuze, ikibi kiri ahantu hose, hari ubuyobe bukomeye. Kandi turagusaba, Data kutwigaragariza uyu muni, ukiza abarwayi bari hagati yacu, usohozza ibitangaza; atari uko Utegetswe kubikora, Mwami, ngo Utumenyeshe ko Uri Imana, ahubwo kubera ko Wabisezeraniye. Kandi tuzi ko Uzarinda amasezerano Yawe kuri twe, niba gusa tuyizera kandi tukaba duhamya ko ari ukuri. Turasaba ayo mahirwe mu Izina rya Yesu Krisitu. Amina. (Mushobora kwicara.)

3 Nari maze gufata umwanya kugira ngo nsome bumwe mu busabe bwashyizwe aha, hari bubiri cyangwa butatu, bumwe muri bwo ni ugusaba amasengesho. Mu by'ukuri, bashyize imiswari myinshi turi bwishimire gusengera rwose mu kanya gato, igihe turi bwumve ko Ubwiza bw'Umwuka Wera buri ku rwego rwo hejuru Rwawo. Ni bwo noneho ndibugeraze kuyisengeraho, igihe iteraniro ryose, byose biraba bisizwe n'Ubwiza Bwawo.

4 Tubabajwe cyane no kubuza umutuzo, kugira umubare munini cyane uhagaze, no kubura imyanya yo kwicara ku bwabo. Kandi - kandi ni umuni ubushyirahwe buri rwose ku rwego rwo hejuru, kandi dufite hafi ijana kw'ijana by'ubukonje kandi na hafi dogere ijana, ni ukuvuga ko hashyirahwe cyane kandi hatose cyane.

Kandi iki gitondo, naretse imirimo yo gukiza, cyangwa ahubwo si. . . Impamvu nkora uyu murimo wo gukiza, ni ukubera ko nshyira ukwizera kwanjye mu byo Yasezeraniye. Murabona? Noneho, sinshobora kwemeza ko Izabikora, ariko ndizera ko nyuma yuko tuzaba twumvise Ijambo Ryayo kandi tukaba twashyirahwe ukwizera kwacu ku cyo Yasezeraniye, ubwo noneho tuzagira uburenganzira bwo gusaba amasezerano Yayo yo gukiza, neza nk'uko tubikora ku masezerano Yayo y'agakiza.

5 Ubu busabe runaka, sinzi niba bamaze gushyirahwe ibyuma bifata amajwi kuri ibi cyangwa niba batarabikora. Wenda biragoranye. Noneho, ndatekereza ko bikwiriye ko abantu b'ahandi, abantu benshi, babyumva, ni ikibazo: Mwahanuye ko hazabaho miliyoni y'abirabura izicwa ku. . . cyangwa mwamenyesheje gusa ko icyo gikorwa kizaba?

Noneho, murebe, igihe cyose nabasabye kwitondera ibyo mwumva. Murabona? Hari byinshi muri byo bintu bijyanye gusa n'uruhande rw'umuntu. Kandi inshuro yose ikintu runaka gitangajwe, bazavugaga bati "NI KO UWITEKA AVUZE", ndetse n'ibijyanye n'amayerekwa cyangwa ikintu icyo ari cyo cyose. Amayerekwa agaragarira k'uruhimbira, mu bantu bumva, ni mwe ubwanyu mutuma abaho; si Imana, ni mwe. Murabona? Si Imana iteza iryo yerekwa, ni mwe ubwanyu mubikora, n'ukwizera kwanyu mu mpano y'Imana.

Ni nk'uwo mugore wakoze k'umwenda We, We ntiyari azi uwo yari we cyangwa ikitaragendaga muri we, ariko Yabikoze ku bwe. Murabona? Aho, ntiyari NI KO UWITEKA AVUZE. Byari NI KO UWITEKA AVUZE igihe Yesu yavugaga kandi akabwira uwo mugore ko ukwizera kwe kwamukijije. Ariko, murebe, mugomba kwitonda.

6 Oya, navugaga gusa kuri Martin Luther King, kuri icyo cyago gikomeye bafite mu Majyepfo, hamwe n'abantu b'abirabura. Naravuze nti "Niba aba bantu bari abacakara, nari bufate urusengero rwanjye noneho tukajya mu Majyepfo kugira ngo tubafashe kwibohora ubucakara." Nabikora mu by'ukuri, kubera ko ni umuntu wakoze abacakara, si Imana. Twese tuva ku maraso amwe. Twese duturuka ku giti kimwe kandi ni Adamu. Imana, n'amaraso amwe, yaremeye amahanga yose. Kandi nta cyo bivuze cyane ko twe - ibara ry'impu zacu ryaba inzobe, cyangwa rikirabura, cyangwa umuhondo, cyangwa umutuku, cyangwa ikintu cyose byashobora kuba, twese turi ibiremwa by'Ishobora Byose, murabona, ntihakagombye kuba itandukaniro muri twe.

7 Ikibazo kiri aho, ni "kurobanura k'urwego rw'amashuri." Noneho, nari ndi aho mu gihe cy'imyivumbagatanyo ya mbere, kandi narabikurikiye, kandi nzi icyo mvuga. Abirabura bafite amashuri

meza, rimwe na rimwe meza cyane kurusha andi mashuli. Noneho, nk'urugero, i Shreveport, amashuli yabo ni meza cyane kurusha ay'abazungu. Ariko ni igitekerezo umuntu yabahaye, ko bakagombye kwishyira hamwe. Mu by'ukuri, ndatekereza ko byaba ari ikintu kiza, ariko igihe abantu babyanze, abo bantu bo mu majyepfo, ubwo rero, ni iki bihindura nubwo bimeze gutyo?

Kandi ndatekereza ko Martin Luther King ayoborwa n'amatwara ya gikomunisiti (communism), ari cyo nta gushidikanya kizayobora hafi miliyoni y'abantu mu mutego wica. Murabona? Simvuga ko ari Umwami wabimbwiye. "Njye" ndatekereza, murabona. Kandi ndatekereza ko ibyo bitakagombye gukorwa. Ndatekereza ko abantu bakagombye kuba abakirisitu kandi bakamenyana nka bene Data. Noneho, ariko ndatekereza ko nta kintu ku bw'impamvu. . .

Izi Leta Zunze Ubumwe z'Amerika, ubu buyobozi bumbuzi ndetse gusinya kuri sheke nahawe ku giti cyanjye. Murabona? Ni uburenganzira bw'itegeko nshinga namburwa, ariko ni iki nshobora gukora kuri ibyo? Kujya gusa imbere, ni ibyo gusa. Murabona? Kandi bigomba kunyura mu kindi gice mbere yuko njye, umuturage wa Leta Zunze Ubumwe z'Amerika, nshobora gukora kuri sheke; bigomba kunyura kuri uru rusengeru, njye sinshobora kuyikoraho. Murabona? Kandi ibyo si ukuri. Bitandukanye n'Itegeko nshinga. Ariko ni iki nshobora gukora kuri ibyo? Nta gihari. Uyu musoresha uri aho, ni we wambwiye ko ntashoboraga kubikora, ubwo rero, noneho, ni ibyo. Niba ari ko bimeze, noneho iki! Turabireka gusa bikagenda gutyo.

8 Ndatekereza ko byakagombye kuba ikintu kimwe, ko bene Data na bashiki bacu b'abirabura, mu majyepfo, ntibakagombye kwambarira urugamba barwanya bene Se n'abandi ku kintu kigayitse nk'iki. Yoo! yoo yoo! Ni iki bihindura, ko mwakwiga iri shuli cyangwa irindi shuli runaka? Nabonye umugore w'intwari w'umwirabura icyo gitondo, igihe bari bigaragambije aho, i Shreveport, kandi hari umusaza w'umubwirizabutumwa w'umwirabura utaracogoraga kubwira abashinzwe umutekano b'igihugu, avuga ati "Munyemerere mbabwire." Kandi, rwose yari umusaza wera, yahagaze aho kandi yaravuze ati "Nta na rimwe nagize isoni z'ibara ry'uruhu rwanjye." Yaravuze ati "Ni umuremyi wanjye wandemye uko ndi, kandi sibyigeze bintera isoni, uretse kugeza muri icyo gitondo. Ariko, ni ko yavuze, noneho, nagize isoni zo kuba umwirabura." Bazanye ushinze umutekano; bafunze ijwi rye basakuza n'imbaraga zose.

9 Ubwo rero, umudamu w'umunyamwete w'umwirabura, ugaragara neza, yarahagurutse, w'umuhanga cyane, yoo! yoo yoo! Yaravuze ati "Bwa mbere, sinshaka ko abana banjye bigishwa n'umuzungu."

Baramubajije bati "Kubera iki?"

Yaravuze ati "Kubera ko atazita ku bana banjye. . . nk'uko umwarimu w'umwirabura yabitaho." Kandi yaravuze ati "Murebe amashuli yacu y'aha. Kubera iki muterera hejuru n'imbaraga zose?" Yaravuze ati "Dufite ubwogero (piscines) n'ibindi mu mashuli yacu, mu gihe bo batabifite aho." Yaravuze ati "Noneho, kubera iki musakuza n'imbaraga zose?" Noneho baniga ijwi rye basakuza cyane. Murabona?

10 Biyoborwa n'ikintu kibi (murabona), bo, aba bantu. Kandi ni yo mpamvu mbivuga, atari uko hari ubuhanuzi runaka kuri ibyo. Nta kintu mfite kuri ibyo kivuye k'Umwami. Kandi mubimenye neza noneho, mvuze ikintu runaka nk'icyo kivuye k'Umwami, ikintu runaka cyo kubabwira, igihe cyose kizaba. . . Noneho, ni njye uvuga. Ariko iyo ari We uvuga, ndavuga nti "Si njyewe, ni NI KO UWITEKA AVUZE." Kandi sinshobora kubivuga We atabimbwiye. Nshobora kuba mu buryo bwuzuye mu ikosa, kubijyanye n'icyo ntekereza kuri Martin Luther King. Simbizi, sinshobora kubivuga. Rwose ni igitekerezo cyanjye. Ibiteza ibibazo byose, ni cyo kigomba kuba mu minsi ya nyuma. . . Kandi mu buryo bwuzuye biyobowe na Satani, kugira ngo ishwanaguzwe umuryango wacu n'ibyo dufite byose, imyivumbagatanyo y'ubwo bwoko. Ku bw'ibyo nshyigikiye abo bantu, aho, ntimwigere mutekereza igitandukanye. Nshyigikiye ubwisanzure n'ibindi byose, ariko abo bantu ntibagenzura iyo mimerere. Ariko ingaruka bizagira, ndatekereza, nuko bizateza indi mpindura matwara niba nta muntu ibihagaritse. Murabona, ni abakominisiti bakorerwa muri abo bantu.

11 Nari ndi muri Afurika, igihe bakoraga ikintu kimwe. Murabona? Kandi nzi ko bari abakominisiti bajyiye aho kubwira abo birabura bati "Yoo, muri ibi, biriya cyangwa ikindi. Muri ibi, biriya cyangwa ikindi." Kandi ikintu gikurikiyeho, murazi, ibyo byazanye urupfu rw'ibihumbi muri bo. Bageze he? Nta hantu na hamwe (murabona?), nta hantu na hamwe.

12 Kandi nkunda ubuzima bw'abantu. Dukorere Umwami. Ubwami bwacu ni ubwo Hejuru; nta kintu kizabaho ku bijyanye n'iki kintu. Igihe cyose turya, tukanywa, kandi tugashobora kugira. . . ni iki kindi mukeneye? Murabona? Nzi rwose icyo bizahinduka. Nzi - nzi ko biteza gusa ibibazo.

Noneho, dore ikindi kibazo: Igihe Yohana Mubatiza yahuraga na Yesu, murabona, kubera iki yavuze ati "Birakwiriye ko dusohozza ibyo gukiranuka byose"? Ibyo byari bisobanuye iki?

Noneho, ndibuka Dogiteri Roy Davis, inshuti yanjye bwite, yambatije, ni inshuro imwe gusa nigeze mbatizwa. Kandi yavugaga ko Yohana yashakaga kuvuga. . . Ndabyibuka, mu gihe cy'isomo rye, yaravugaga ati "Yohana yari azi ko ubwe atari yarigeze abatizwa, ndetse Yesu. Yohana yaretse Yesu

aramubatiza." Noneho, ibi, sinemeranya na dogiteri ukomeye aho.

13 Si ukugira ngo duteze ikiganiro mpaka, ahubwo ni ugukunda Ukuri, nshobora kuvuga ibi: Oya, hari abagabo babiri, abayobozi babiri b'igihe; Mesiya n'umuhanuzi We bahuriye mu mazi. Noneho, mwibuke, Yohana yabatizaga, atari ku bwo kubabarirwa ibyaha, ahubwo ku bwo kwihana. Atari ku bw'imbabazi z'ibyaha, kubera ko koza ibyaha ntibyari byagakozwe, murabona, nta gitambo cyari gihari. Kandi Igitambo cyaje kimusanga mu mazi. Noneho murebe. Yohana azamura amaso noneho abona Yesu, aravuga ati "Ni njye ucyeneye kubatizwa na We. Noneho kubera iki Uje unsanga?"

Yesu yaravuze ati "Reka tubikore", byari ibyo." Reka tubikore, kuko dutegetswe, cyangwa biradukwiriye ko dusohozza ibyo gukiranuka byose." Ubwo Yohana, nk'umuhanuzi Ijambo ry'Umwami ryazagaho, Riza gusa ku bahanuzi, Yohana, nk'umuhanuzi, yumvise ko byari Igitambo. Kandi bijyanye n'itegeko, igitambo cyagombaga kozwa mbere yuko cyerekanwa, kandi ni yo mpamvu yamubatije. Murabona? Yaravuze ati "Dutegetswe gusohozza ibyo gukiranuka byose." Igitambo, Yari cyo, cyagombaga kozwa mu ibase mbere yuko cyerekanwa nk'igitambo. Kandi Yesu yari Igitambo; na Yohana yari abizi, yari azi ko Cyagombaga kozwa mbere yo kwerekanwa. Noneho ubwo, nyuma y'akanya gato, Cyeretswe abantu kugira ngo gicirwe urubanza, kandi Yari Igitambo ku bantu bose. Umwami abahe umugisha.

14 Noneho, tujyiye kugira ubutumwa bugufi cyane, kandi twizeye ko Umwami ari buduhe imigisha Ye. Noneho, nta gushidikanya, ningaruka. . . Icyumweru gitaha, ngiye ku bwo kuzana abana aho hejuru, mu misozi, ku bw'ibiruhuko bito. Noneho nyuma, ninga - ningaruka ku gihe, twashakaga kuvuga mu gitondo cyo ku cyumweru gitaha, niba Imana n'umushumba aha babyemeye. Tuzabibamenyesha bitarenze iki cyumweru n'ibaruwa, mwe mutuye hanze y'umujyi. Ndashaka kuvuga ku nsanganyamatsiko, impamvu neza ituma twizera icyo twizera ku bijyanye na Krisitu, kubera iki ibyo bigomba kuba gutyo kandi ntibibe ukundi. Murabona? Kandi tubigaragarishe Ibyanditswe. Noneho, Umwami nabishaka. Niba atari ibyo, nzashaka kubabona igihe cy'ubukonje gitaha cyangwa igihe cy'iki gitaha, kimwe cyangwa ikindi, mu kugaruka kwacu, niba Umwami acyererewe. Ubu tugarutse iwacu, muri Arizona, kugira ngo dushobore kugarura abana ku ishuli.

15 Noneho, iki gitondo, neza mbere y'amasengesho ku barwayi, tujyiye gusoma igice cy'Ijambo ry'Imana. Mu by'ukuri, tuzi ko iri Jambo ridahari, ntibishoboka, nta kintu gishobora gukorwa. Kandi ni Ijambo gusa rishobora gutanga iyo migisha dusabira abarwayi n'abafite icyo bacyenye. Noneho ndashaka gusoma igice ubu muri 1 Petero, igice cya 5, guhera ku murongo wa 1. Noneho nyuma, mu Rwandiko rw'Abaheburayo, ndashaka gusoma Abaheburayo 2. 2 - 4.

Aya magambo ndayahuguza abakuru b'Itorerero bo muri mwe, kuko nanjye ndi umukuru mugenzi wanyu, n'umugabo wo guhamya imibabaro ya Krisitu kandi mfatanije namwe ubwiza buzahishurwa.

Muragire umukumbi w'Imana wo muri mwe mutawurinda nk'abahatwa, ahubwo muwurinde mubikunze nk'uko Imana ishaka atari ku bwo kwifuzza indamu mbi, ahubwo ku bw'umutima ukunze;

Kandi mudasa n'abatwaza igitutu abo mwagabanijwe, ahubwo mube ibyitegererezo by'umukumbi.

Kandi Umutahiza naboneka, muzahabwa ikamba ry'ubugingo ritangirika.

Namwe basore mugandukire abakuru. Mwese, Ntimwambare. . .Mwese mukenyere kwicisha bugufi kugira ngo mukorerane, kuko Imana irwanya abibone naho abicisha bugufi ikabahera ubuntu.

Nuko mwicisha bugufi muri munsu y'ukuboko gukomeye kw'Imana, kugira ngo ibashyire hejuru mu gihe gikwiriye;

Muyikoreze amaganya yanyu yose, kuko yita kuri mwe.

16 Mu Baheburayo, igice cya 2, dore Amagambo dusoma. Noneho, mfashe ku bwa - mfashe umutwe "Mwiyambure ibibazo byanyu." Ndi. . . Dore insanganyamatsiko yanjye: *Yitaho. Na mwe?* Ndashaka gusoma iki gice ubu, mu gihe mujya mu Baheburayo 2, kugira ngo mushobore kubona insobanuro y'ukuri y'aya Magambo, icyo icyo iyo nsanganyamatsiko isobanura:

Ni cyo gituma dukwiriye kurushaho kugira umwete wo kwita ku byo twumvise, kugira ngo tudatembanwa tukabivamo.

Mbese ubwo Ijambo ryavugiye mu kanwa k'abamarayika ryakomeye, kandi ibicumuro byose no kutaryumvira bikiturwa ingaruka ibikwiriye,

Twebweho tuzarokoka dute nitwirengagiza agakiza gakomeye gatyo? Kabanje kuvugwa n'Umwami wacu natwe tukagahamirizwa n'abamwumvise, Imana ifatanije na bo guhamya

ihamirisha ibimenyetso n'ibitangaza n'imirimo ikomeye y'uburyo bwinshi, n'impano z'Umwuka Wera zagabwe nk'uko yabishatse.

17 Ndashaka gufata insanganyamatsiko: Yitaho. Na mwe? Igihe yari hano ku isi, Yitaga ku bantu. Iki gitekerezo cyanze mu bitekerezo neza mbere yo kubwiriza cyangwa yo gusengera abarwayi, ntazi neza ngo ni ubuhe bwoko bw'umurungo w'amasengesho tuzagira.

Bwa mbere, no kugira ngo dutangire kubishyira mu bikorwa, abumva bagomba gusigwa no kwizera. Niba mudafite ukwizera, ubwo rero nta kintu bimaze ndetse kuza ngo babasengere, kubera ko biraba ngombwa ko kwizera kwanyu no kwizera kwanyije biba hamwe; kwizera kwanyije kugira ngo mwizere, ukwizera kwanyu kugira ngo mumwizere. Ku bw'ibyo, ntitubyibagirwe noneho, mu gihe ndikwigira imbere. Biradukwiye kugira ikintu runaka mu by'ukuri, cy'ukuri, ndashaka kuvuga ikintu runaka dushobora kubakiraho ukwizera kwacu, icyo tugerageza gukora. Mu by'ukuri, niba umuntu ateganya ikintu runaka ashaka gushyira mu bikorwa, nta kwizera guhagije, aba atsinzwe. Ariko ashoboye kubiteganya hamwe no kwizera guhagije, ubwo agomba gutsinda, niba ari ubushake na gahunda y'Imana ibyo bikozwe.

18 Noneho, natekerezaga k'uburyo Yitaho. Ejo hashize nimugoroba, sinzi ukuntu, mu buryo budasanze, nayobowe n'Umwuka Wera, mu gihe nari ntegereje ko abantu runaka baza gufasha mwene Data Wood gushyira inyuma ikamyo ntoya ye ivaturi yari yarubatse. Sinari nzi impamvu nashakaga guhura n'inshuti yanjye nziza, mwene Data Evans, noneho ndagenda, ntangira kongera kuzamuka umuhanda wihuta. Mu by'ukuri, umugore wanjye n'umuryango bicaye aha inyuma, bazi ko ari byo. kandi mu buryo bumwe cyangwa ubundi, mu buryo budasanze, narahindukiye noneho ninjira mu nyubako, muri moteli.

Yoo, mbega ukuntu umutima wanjye wuzuye ibyishimo mu gihe nabonaga benshi mu nshuti zanjye bateraniye aho, hafi mu minota ibiri, ku buryo inzira yari yafunzwe, imodoka ntizari zigishobora kugenda. Rwose ni inshuti z'ukuri, bagenda amajana y'ibirometero, kuva Georgie, Tennessee, Alabama, n'impande, nta kindi uretse kwitabira iteraniryo. . . Ubwo icyo gitekerezo cyanjemo "Ni iki noneho ngomba kubwira aba bantu, nzi ko k'Umunsi w'Urubanza, ngomba kuzasubiza ku byo mbabwira?" Kandi nanjye ndetse nkunda ubu buzima buhebuje bw'igihe kizaza, kandi nda - ndashaka kuhaba.

19 Kandi nyuma, mu buryo budasanze, nagiyeye mu nyubako, aho nakase imodoka mu buryo budasanze. Aho gukata aho, najyiyeye gukata mu buryo budasanze. Amatara yamuritse umugabo n'umugore beza bari aho hanze, abadamu babiri bakiri bato b'abanyamwete nari maze mu gihe gito gushyingira abavugabutumwa babiri bakiri bato b'abanyamwete. Kandi Satani, nyuma yo kubona umubwirizabutumwa, umwe muri bo, ubukozi bwe bushyirwaho, kandi uwo wa nyuma agafata umufasha we w'ubuzima, aha ndetse kuri iki gicaniro. . . Bajyiyeye bishimye mu kwezi kwabo kwa buki, ariko - ariko umwanzi yasimbutse kuri uwo mugabo ukiri muto. Kandi ndavugaga ibi kugira ngo nerekaneye icyo mvugaga "Yitaho?" Mu buryo bumwe cyangwa ubundi, hamwe n'ukwizera kutemera "oya", barahindukiye kandi bagaruka aha, bazi ko nyuma yo kuba kure (neza mu Burasirazuba), ahantu runaka aho, mu gihe cy'ukwezi kwabo kwa buki, baratashye, baricara, bategereje. Ubwo, naraje, umugabo ukiri muto mwiza cyane; umugore we yari yicaye inyuma, arimo kurira, we n'uwo bari kumwe muto. Undi mugabo n'undi mwene Data baje birukanka, ni inshuti y'uwo mugabo ukiri muto, yaravuze ati "Yoo, Mwene Data Branham, ibintu runaka byarabayeye.

20 Twajyiyeye aho noneho tubona uwo mugabo ukiri muto mwiza yicaye aho, neza ageze ku gasongero k'ubuzima bwe, umuyobozi w'abantu bakiri bato, yicaye aho, kandi Satani yari yamuboshye. Ntiyari yabimenye, ariko nafashe ikiganza cyanyije (cy'ibumoso), kugira ngo mfate icye (cy'iburyo), kureba niba indwara yaramukubise. Ariko nta kunyeganyega na guto kwari guhari. Nari maze gusohoka mu cyumba aho nari nasengeye kandi nkiyiriza, kandi nari ntegereje Umwami, gusigwa k'Umwuka Wera kwari guhari, kandi ni yo mpamvu Ibyo byatuyoboye. Murabona? Noneho nyuma, nabonye igicucu cy'umwijima kuri we. Sinavuze icyo nakoraga. Ariko mu kanya runaka gato, byose byari byagiye, ibiganza bye ntibyari bigikonje, yatereraga hejuru kandi ahimbaza Imana, yagarutse muri we ubwe mu minota runaka. Kandi yicaye aha, aha ndetse iki gitondo, yicaye mu bantu bari kumva. Murabona ukuntu Satani yashatse guhindura uwo mugabo ukiri muto umurwayi, imubwira gukomeza ikibazo? Mu by'ukuri, Umwuka Wera wari ubizi, kandi nabibonye mu iyerekwa ry'Umwami. Ariko Imana yitaye kuri uwo mugabo. Imana yitaye kuri uwo Mugabo.

21 Umudamu amaze kwinjira hashize akanya gato, ndamubona yicaye aha mu nzira, nta... cyangwa ahubwo yibonye ikicarohamye ahantu runaka aho, kandi yicaye. Yaravuze ati "Mwene Data Branham, hashize imyaka icyenda nshaka guhura namwe." Kandi yaravuze ati "Narakaye mu by'ukuri! Nahageze nkererewe, kandi sinashoboye kubona ikarita yo gusengerwa kugira ngo mbe mu murungo."

Billy, mu by'ukuri, ni amabwiriza ahabwa, gucunga ku buryo ntatashwa umutwe, kunyinjiza, kunsohora. Ntimushyire ikosa kuri Billy, yahawe amabwiriza n'inama y'abayobozi yo kubikora. Kandi iyi ataza kubikora, sinari bushobore kugera k'umurungo w'amasengesho, ndetse no kwinjira aha. Murabizi. Murabona, hagamba kuba imikorere ku byo dukora byose. Bira - biradukwiye kubigira, murabona. Ariko aravugaga ati "Ngwino, papa, ihute", gutya.

22 Uyu mugore yasubiye inyuma, kandi yaravuze ati "Mwene Data Branham, rwose ijambo rimwe namwe." Nari mpagaze aho, iyerekwa ryabonetse hejuru y'uwo mugore, noneho namenye ko yari afite umutwaro k'umutima. Yageragezaga gukora kugira ngo abone ubuzima. Kandi i - ikintu kidasanzwe cyarabaye, aho kure, mu gihe cy'ababyeyi be, cyari ku ntandaro y'icyo kintu gikomeye cyamubayeho; kandi Umwami Yesu yarabihishuye kandi yerekana ibyo cyari cyo. Kandi aho, mu kanya gato, uwo mugore yatandukanye nacyo. Yigendera yishimye, kandi ubu, yicaye aha rwose, mu bantu bari kumva, hamwe natwe, yishimye, hamwe n'amarira ku maso, kandi arayahanagura ubu, azi ko ukuri kw'ikintu kwahishuwe. Kandi ibyo, icyo, uwo mugore muto w'umukene ufite ibibazo mu mutwe, yari afite ibibazo mu mutwe ku buryo nta kintu yashoboraga gukora ubwe, kandi yatekerezaga ko byari byamurangiranye, kandi nta Mwuka Wera wari uhari, kandi ko wari umunsi we wa nyuma. Yagerageje mu gihe cy'imyaka icyenda kandi urebye nta byiringiro yari agifite. Imana yitaye kuri uwo mugore muto utari ufite umuntu wamwitagaho. Murabona? Mbega igihe! Yitaho.

23 Igihe Yari aha ku isi, nk'uko mbivuga, Yitaga ku bantu ku buryo Yakizaga indwara zabo, yahumurizaga imitima yabo, yababwiraga iby'u - by'umwanya Azajya kubategurira, kandi Azagaruka kubafata kugira ngo abajyane iruhande Rwe. Yabitagaho. Noneho murebe, Yitayeho cyane, igihe Yamenyaga ko Yagombaga kugenda, kugira ngo atwoherereze iki Kintu gihebuje, Yaravuze ati "Sinzabasiga nk'impfubyi, ahubwo Nzabohereza Umwuka Wera, kandi Azakomeza kubitaho mu mwanya Wanjye", kugeza Agarutse. Nta muntu witaho nka Yesu. Azi ko umubiri We, nk'Umumtambyi Mukuru, mu murimo wo guhuza Arimo gusohozwa ubu, uwo mubiri ugomba kuba mu Bwiza bw'Imana igihe cyose, kugira ngo ukore ubuvugizi, ngo Imana idashobora kubona icyaha cy'umunyabyaha; Ibona gusa Amaraso y'Umwana Wayo bwite. Kandi mu kumenya ibyo, Yohereje Umwuka Wera kugira ngo ukomeze guhumuriza ubwoko Bwayo. Yitaho? Nta gushidikanya, Yitaho. Noneho, Yagombaga gukomeza kwita k'ubwoko, k'ubwoko Bwayo, aha ku isi, mu buryo bumwe Yitaye ku bantu igihe Yari aha. Mu by'ukuri, muri Yohana Wera, igice cya 15, Aravuga ati, niba mushaka gufata. . . Mfite inyandiko zirambitse aha, hamwe n'iyi mirongo y'Ibyanditswe nshingiraho, Yohana Wera 15.26 na 27.

24 Ndabona benshi muri mwe bandika imirongo y'Ibyanditswe. Inshuro nyinshi mbishingiraho rwose, niba mutabizi, ku Byanditswe. Nandika imirongo y'Ibyanditswe, nzi ubwo rero icyo mvuga; mu by'ukuri, buri gihe ni mu Ijambo ry'Umwami. Murabona?

Yavuze ko igihe Umwuka Wera uzazira, Uwo Data azohereza mu Izina Rye, uzamuhamiriza. Mu yandi magambo, Uzakora ikintu kimwe nka We. Umwuka Wera, ukorera mu gicaniro Yejeje, uzakora ikintu kimwe nka We. Noneho, ni iki ibyo byakagombye kudukorera! Tuzi rwose ko neza hagati yacu uyu muni, dufite Umwami umwe Yesu uhumuriza mu ishusho y'Umwuka Wera, ni undi murimo Imana Ubwayo ikoreramo.

25 Yari impozamarira kuri Israel igihe cyose bashoboraga kuzamura amaso kandi bakabona Inkingi y'Umuriro, kandi bakumva umuhanuzi avuga Amagambo yari ay'ukuri, kandi Imana ikabihamiriza. Byari impozamarira yabo.

Yari impozamarira igihe Yari aha ku isi nk'Umuntu, Imana yambaye umubiri. Imana yigaragaza Ubwayo kandi yisobanura inyuze mu Muntu, Yesu Krisitu, wasezeranye ko "muzakora namwe imirimo Nkora. Kandi Nijyiriye kwa Data, kandi Nzohereza Umwuka Wera, Ari wo uzaba Njyewe mu ishusho y'Umwuka. Kandi Nzabana na mwe, kandi Nzatura muri mwe. Kandi imirimo imwe Nakoreye aha, Umwuka Wera uzongera uyikore mu Izina Ryanjye igihe Uzaza. "Murabona? Ni yo mpamvu, Yavuze ati "Kuwurwanya, noneho nyuma yuko igitambo cyoza ibyaha cyatanzwe, bizaba icyaha kitababarirwa, gutuka Umwuka Wera."

26 Kandi Uzabikora mu buryo bumwe, ku bw'ibyo tuzamenya niba byari impozamarira ku bijyanye n'ibyo ku isi, tuzamenya niba ari impozamarira ivuye k'umuntu ukuze ushobora kutuzengurutse ibiganza bye, kuturamutsa gake, kuduhumuriza gake, cyangwa imvugo runaka ya gitwolojiya y'idini yavugaga iti "Noneho uri uwacu, kandi ni twe dufite ikintu; wikwihuzwa n'abandi, kuko ntibagifite."

27 Yabigize byo cyane (murabona?) "Uzavugaga mu Izina Ryanjye. Namwe muzakora imirimo Nkora, igihe Uzaba kuri mwe." Murabona, Uzahumuriza mu buryo bumwe, ubabarira ibyaha byacu byose, ukiza indwara zacu zose, kandi uduhumuriza n'amagambo ku bijyanye n'Ubwami bw'igihe kizaza. (Murabona?) Uzihishurira muri twe, nk'uko Imana yihishuriye muri twe inyuze muri Yesu Krisitu. Kandi muri Timoteyo wa 2. . . Timoteyo wa 1 3. 16, dore ibyanditswe ku bijyanye n'Imana "Si ugushidikanya, ubwiru bw'ubumana burakomeye cyane: Imana kwerekanwa ifite umubiri." Twabonye Imana mu mubiri. Byari uguhumuriza kw'Imana, kumenya ko ndetse Yaje, Yatwitayeho ku buryo Yahindutse umwe muri twe. Imana yagaragaye mu mubiri, rwose si undi muntu ahubwo Imana Ubwayo.

Kandi noneho, kugira ngo twigire imbere cyane, Yohereza Umwuka Wera kugira ngo iduhumurize no kutwitaho Kwayo, kandi Itura muri twe. Yoo, Yitaho!

28 Noneho, biradukwiye gufata undi murongo w'Ibyanditswe aha, cyangwa ahubwo ikindi gitekerezo kugira ngo dushyigikire ibi. Mbere yo kuwufata, nshobora kuvugaga ibi: Umuntu wese ntafite uwo Muhoza. Ntibamufite, ntibamufite. Ndetse, impamvu batamufite, ni uko batamwemera. Ni ku bwa bo, ariko ntibamwemera. Noneho, nizeye ko muri abanyamwuka cyane kugira ngo - kugira ngo mwumve icyo

mvuga. Murabona? Ndabwira itsinda ry'abantu tujiye gusengera mu kanya gato. Dufite uku guhumurizwa n'Umwuka Wera woherejwe kugira ngo ube Umuhiza, ariko bese ntibazawakira. Ntibabyizera. Murabona? Kugira ngo babikore, bakura noneho guhumurizwa kwabo ku yindi soko, n'ubundi buryo. Niba batemera Umuhiza Imana yatanze, ubwo rero bagomba kubona undi muhiza, murabona? Mu by'ukuri, ntimushobora kubaho nta kintu runaka mubereyeho.

29 Kandi nizeye ko buri umwe muri mwe abyumva, cyane cyane mwe tujiye gusengera, bameze nabi cyane iki gitondo, barwaye wenda indwara abaganga badashobora kubonera igisubizo.

Kandi twizera ko abaganga bafasha abantu. Nizera ko Imana ikiza mu nzira y'imiti. Imana ikiza ikoresheje kubaga. Imana ikiza ikoresheje kumva. Imana ikirisha urukundo. Neza urukundo ruke rukora byinshi. Mufate umuntu wavangiwe wese, noneho mumwereke gusa ko mwifatanyije nawe. Murabona? Imana ikirisha urukundo. Imana ikirisha isengesho. Imana ikirisha ibitangaza. Imana ikirisha Ijambo Ryayo. Imana irakiza! Inkomoko iyo ari yo yose, Imana ikirisha ibyo. Ni Imana ikiza, kuko Yavuze iti "Ndi Uwitaka ugukiza indwara zawe zose." Ndetse, ibyo byose byakagombye gukorera hamwe, abantu bafite ubukozi butandukanye bakagombye gukorana kuri icyo gikorwa. Murabona? Noneho, ariko ntibabikora kubera ko, rimwe na rimwe, babujijwe gufata ibyemezo bimwe na bimwe ku bw'Ijambo ry'Imana, bitewe n'amwe mu madini yabo atabemerera kubikora. Ariko ibyo ntibihagarika Ukuri, nubwo bimeze gutyo, Imana ikomeza gukiza.

30 Ni ukuvuga ko bashaka gukura guhumurizwa kwabo ku yindi soko. Tuvuge bwa mbere k'ubugingo.

Tubona abantu benshi bashaka guhumurizwa mu binyobwa. Murazi, dufite imvugo izwi mu buryo bwuzuye muri twe uyu muni, ni uko - ko ababwirizabutumwa benshi banywa mbere rimwe na rimwe mbere yo kuzamuka k'uruhimbi, bafata ikirahure kiza cy'ikinyobwa gisindisha. Turabizi, igihe tubona ababwirizabutumwa badandabirana k'uruhimbi, byatwe ndetse n'ikinyobwa gisembuye. Kandi ntibyakagombye kubaho. Ntibyakagombye kubaho. Ni ukubera ko inshuro nyinshi duciraho iteka abantu, mu gihe wenda tutakagombye kubikora, twakagombye kuvumbura impamvu ku ikubitiro. Benshi muri bo baretse kunywa igihe bahindukaga. Kandi turabona ko niba bari muri iyo mimerere, ni umuvumo kandi ni ikimwari. Ariko si ikimwari cyane nko kuvuga ikinyoma, kwiba, cyangwa kurarikira abagore, cyangwa ikindi kintu cyose kiri mu itegeko. Murabona? Kandi birashoboka ko ari umuntu wavutse afite irari rikomeye, mu kureba abo bagore bambaye ubusa mu muhanda, azatashya umutwe mu buryo budahinduka. Murabona? Ni uko uwo muntu yavutse.

Noneho, icyo yakagombye gukora, umubwirizabutumwa unkwa, cyangwa umugore unkwa itabi, cyangwa uwambara mu buryo bukojeje isoni, ushaka kubona guhumurizwa, mu kwambara neza cyane, mu by'ukuri, arashaka gutuma umugabo amureba... Nta yindi mpamvu ihari. Ni umusazi ku ruhande rumwe. Murabona? Nta mugore n'umwe utekereza washobora kwiyambura imbere y'umugabo, uri mu myumvire ye myiza. Murabona? Nta mpamvu rwose kuri ibyo. Noneho we, ariko arashaka kubikora, abo bakobwa bakiri bato uyu muni basohoka mu muhanda, bo ni cyane. . . Noneho, munyemerere imvugo. Kandi mwibuke, iyi bande ntago igenewe gusa abantu b'aha, izajya ku isi hose. Murabona?

31 Noneho, umugore yiyambika ubusa, kubera ko azi ko hashyushye cyane. Gusohoka aho ku zuba, yambaye ubusa, noneho nyuma gusohoka yambaye imyenda runaka, ni iki cyazana cyane ubukonje? Aho, ku Bahindi Papagos na Navajos, kandi cyane cyane kuri Papagos, no mu tundi duce tw'abahindi, abo bagore basohoka bitwikiriye ibitambaro bya kotoni, bicara aho ku zuba kugira ngo bibere mu mahumbezi. Gute? Babira ibyuya, noneho umuyaga uhuha ukazana umwuka umeze neza, murabona. Noneho abo bagore nta yindi mpamvu bafite uretse neza. . . Ntibabizi, ntibabisobanikirwa. Simvuga ko ari cyo bakora. Ariko benshi muri bo ni abagore w'intwari, kandi simvuga ibyo kugira ngo mbarakarire. Ndabivuga ugira ngo ngerageze ku kubakangura. Murabona?

32 Ni Satani gusa, murabona. Muzi ko ikindi gitsina, igitsina gabo mu kureba ikintu nk'icyo, kirabakurura ku buryo ba - basakurisha imipine yabo noneho bagasifura - bagasifura umugore. Noneho kubera iki babikora? Abagore babikorera gutuma abagabo bakora icyo bakorera aho. Kubera iki musohoka mu bushyirahamwe bwuzuye bw'amanywa, saa kumi (16h), kugira ngo mwicare mu kati mu gihe abagabo bava ku kazi n'ibintu bisa nk'ibyo? Ibyo byerekana ko ari umwuka w'ubupfu. Kandi nzi ko benshi muri bo bashobora kugira ubwenge bwo hejuru kure cyane kurusha ubwanjye, ariko ndasuzuma ubwenge bwanyu bugezweho, ariko ikimenyetso ndetse, n'imbutu z'ubuzima birabigaragaza. Ni ukuvuga ko bashaka kwihumuriza hamwe n'ibyo.

Benshi muri bo baravugaga bati "Noneho, simbikora." Ariko bambara mu buryo bukurura cyane k'uburyo bashaka kuba abagezweho cyane kurusha umugore ugiye kwicara k'ururande, mu rusengeru, bucyeye bwaho mu gitondo, kandi bambaye ingofero y'ibyago cyangwa imyenda myiza cyane mo, kubera ko bafite uburyo. Murabona? Murabona, icyaha kirasuzuguzwa. Kandi bashaka kwihumuriza bagenza batyo.

33 Byahindutse ikintu ku buryo mu by'ukuri byakubise igihugu cyose, kandi si igihugu gusa, ahubwo isi yose. Nashoboraga kuvuga ibintu byinshi aha, ariko, kugira ngo mbone igihe, ku bwa gahunda y'umurimo wo gukiza uri bukurikire, nshobora kuvuga mu buryo bwimbitse aho hejuru, ariko sinzabikora. Nizeye ko

muzumva icyo nshaka kuvuga. Ibi... Byakubise isi ya politike, politike, ubuzima mu muryango mugari, umuco w'igihugu, abantu ku isi yose. Twageze aho kubona umuntu ushaka kuba umunyapolitike nta kindi uretse kumenyekana nk'umunyapolitike. Hari amafaranga menshi, kandi ashobora kwiba amatora, gukodesha imashini zo kubikora, kandi n'ibindi, nta kindi uretse kumenyekana, kandi bifite ikiguzi cy'amamiliyoni n'amamiliyoni by'amadolari, murabona, nta kindi uretse kumenyekana nk'umunyapolitike ukomeye. Twabivuzeho cyane, muzi icyo mvuga.

34 N'ubuzima mu muryango mugari. Abantu bashaka kwishyira hamwe kugira ngo babe muri uwo muryango w'abapfu. Ntimumbwire ko isi atari umupfu, mu gihe igenza nk'uko ibikora. Ni ko iri mu by'ukuri. Nta gushidikanya. Ni isi y'abasazi. Kandi ubuntu bw'Imana ni yo nzira yonyine tubirokocyeramo. Murebe, muri ubu buzima mu muryango mu gari, abantu bageze aho bajya mu moko mato, bajya hamwe noneho bakabwirana bati "Turi beza cyane kurusha irindi tsinda." Murabona? Kandi ni - ni gutyo bigenda. Kandi ni umuco, byagize ingaruka k'umuco w'abantu ku buryo, mu by'ukuri, nshuti zanjye, sinatekereza ko isi - ijambo "umuco" rizwi mu bantu mirongo icyenda ku ijana b'iki gihugu. Ntibazi ndetse icyo isi - ijambo "umuco" rishatse kuvuga. Ibyo byarabacitse. Noneho babigize ikinyoma gikomeye.

35 Satani ni indyarya cyane, murabona, kandi ibyo irabyoroshya cyane, bito cyane, rwose ni duke cyane aha, duke hariya noneho bikinjira. Ifata igihe cyayo cyose, ubwo ikajugunya rwose gake aha, rwose gake hariya noneho, mu kanya gato, murazi, abantu bakibona buhoro buhoro aho imbere. Ni iki cyaba k'umugore, kera igihe nari umuhungu ukiri muto w'imyaka cumi n'itandatu, iyo yamanukaga mu muhanda nk'uko abagore bahamanuka uyu muni, muri uwo mwambaro, bambaye ubusa? Noneho, bamushyira muri gereza. Noneho, niba kera byari bibi, ni kimwe uyu muni. Murabona? Ariko, murabona, Satani atangira neza ijipo azigira ngufi, no kuzigabanya, noneho bizaba ko umuntu azakora umwenda ugezweho w'ikintu runaka kizajya gake hirya ya mikini cyangwa bikini (imyenda y'imbere bambara boga), cyangwa sinzi uko mubyita, ikibabi cy'umutini. Mubyibuke! Ni byo, ibyo bizagaruka neza aho. Kandi uyu muni, mu buryo bufatika birahari.

36 Kandi uyu muni, turabona ko ibyo bintu byose, ari ukubera ko abantu bashaka kwihumuriza. Bashaka kubona ikintu runaka ba. . . Kandi, mwibuke, ikibahumuriza, ni imyizerere yanyu, kandi ibyo bintu mubihindura imyizerere yanyu. Murabona? Yoo, ko bibabaje kubona ko urupfu ruri neza aho imbere yacu. Murabona? Ku buryo, byose byabaye ku buryo nta kintu gisigaye cy'urufatiro rukomeye ku gihugu, cyo kubakiraho ikintu icyo ari cyo cyose.

37 Munyemerere kubabaza rwose ikibazo kimwe. Ni mu buryo bugoranye niba mushobora kwizera ikindi kintu kitari Bibiliya. Buri gihe dufite Krisitu; ishimwe ribe iry'Imana. Murabona? Nta kintu kindi mushobora kwizera. Mushyira. . . nk'urugero, iyo mucanye televiziyo yanyu (mwe mufite ikintu nk'icyo), iyo mufunguye televiziyo yanyu noneho mugakurikira kwa - kwamamaza, noneho, umuntu agerageje kwiha wese ijana kw'ijana uko kwamamaza, yapfa mu cyumweru kimwe. Murabona, ntidushobora kubikora. Kandi igicuruzwa ndetse ishyirahamwe risesengura, nk'ikintu cyo kugurwa, kandi rikerekana riti "Dore igicuruzwa, ntimuzagure kiriya kindi", kandi iryo shyirahamwe ricuruzwa ibicuruzwa bimwe. Nyuma, ukundi kwamamaza kuzanyuraho, mufate iki, cy'uru ruhanda, oya kiriya, kandi ni ishyirahamwe rimwe. Abanyamerika bafatwa cyane n'iyi nkuru ku buryo byose byahindutse kwangirika, k'uburyo nta byiringiro rwose. Nta muntu uzi icyo kwizerwa. Ariko ngiye kubabwira, aha gake, igikwiye kwizerwa, Umwami nabishaka, niba mushaka kubona guhumurizwa.

38 Abantu barabeshya, baranyanganya, bariba k'uburyo bibakwiye mu bifatika kugira amasezerano y'umutekano kugira ngo muguze amadolari atanu. Umuntu umwe. . . Murazi, Bibiliya ibivugaho, ko mu minsi ya nyuma hatazabaho urukundo, uretse mu batoranjwe. Ni byo. Ibyanditswe bibivugaho, ko umugabo azarwanyaga umugore we, umugore arwanyaga umugabo, abana barwanyaga ababyeyi. Ni mu batoranjwe gusa b'Umwami hazaba urukundo.

39 Amatorero yinjijye mu kubyina, mu isi. Babyinjije mu itorerero, isi, politike yabo n'ibindi bintu, k'uburyo itorerero ryaguye mu rujijo ritazi icyo gukora. Binjije politike mu itorerero. Binjije kandi isi, isi mu itorerero, ibikorwa byabo by'imibereho, urusimbi cyangwa imikino y'ubujura, cyangwa sinzi uko mubyita, kandi ibyo biryo by'umugoroba, imigoroba yo guceza, n'ibindi mu nzu y'Umwami. Noneho, birababaje.

Baravugaga bati "Noneho, ubwo, si ibi, rwose ni munzu yometseho."

Mwibuke, ni munzu yometseho Yesu yasohoye akubita abacuruzi n'ibicuruzwa byabo, kandi yaravuze ati "Haranditswe ngo 'Inzu ya Data ni inzu y'amasengesho', none mwayihinduye indiri y'abajura.' Murabona? Ni bibi. Nta cyo bimbwiye cyane aho ari ho hose. Igihe cyose urusengeru. . . urusengeru, si inyubako cyane, ni abantu bari mu nyubako. Kandi niba ari byo abantu biteze, noneho, ni bibi. Kandi binjije icyo gikorwa.

40 Noneho, turabona ko amatorero kandi asezeranya igihe cyose ikintu runaka, nka televiziyo n'ibindi, atigera ashya mubikorwa. Nk'uko nakunze kubivuga, ni umurongo ushaje "Umuntu ahimbaza igihe cyose Imana ku byo Yakoze, Ahimbaza Imana ku byo Izakora (mu gutegerezanya ubushake icyo Izakora), noneho nyuma, yirengagiza icyo Irimo gukora." Murabona, arabihomba. Kandi ni gutyo bihinduka inkuru

iboze nyuma y'igihe, murabona, kubera ko badashobora kubibona uyu muni! Mushobora kuvuga k'uguhozwa Krisitu yazanye kera, kandi mukavuga k'uguhozwa Azatanga mu bisekuru bizaza, ariko mukanga guhozwa Afite aha, uyu muni k'ubwanyu. Murabona? Ni k'urufatiro rumwe tubibona. Noneho, byahindutse ikintu gihebuje. Noneho, turabona ko ba...

41 Byaninjiye mu bapantekote, mu matorero. Byinjiye mu bapantekote, basezeranya buri gihe ikintu runaka badashobora na rimwe kugeraho. Buri gihe biba ko umuntu wese agira ibyiyumviro bitandukanye, kandi - kandi akabiyegurira, byaba bijyanye n'ibyanditswe cyangwa bitajyanye n'ibyanditswe, kandi basezeranya ikintu runaka batigera basohozwa, kugeza aho, twavugaga, bageze k'ukubura ukuri. Abantu ntibagera ku'burebure bw'ukuri. Ibyo byataye Ijambo ndetse ry'icyongereza "Ukuri" ryatakaje agaciro karyo mu maso y'abantu. Cyangwa, bijyanye n'uburyo bwo kubaho kw'abantu, batakaje ukuri. Noneho, basa n'abatumva.

42 Ndetse no guhamya kwacu! Noneho, ndashaka ko muza, cyangwa aha kandi mugafata. . . cyangwa mwe muri kumva bande, noneho ndashaka ko mwumva mwitonze akanya gato, iri tangazo. Ibyo...

Keretse kuba umunyakuri mu buryo bwimbitse! Kandi ntimushobora kuba umunyakuri mutumva neza. kandi niba mutekereza, cyangwa mufokeshya, cyangwa mwiringiye ko bizagenda gutyo, ubwo ntimushobora kuba abanyakuri mu buryo bwimbitse nk'uko Imana ibasaba. Ibyo. . . Ukwizera si "noneho niringiye" cyangwa "birashoboka ko ari ukuri." Bigomba kuba mu buryo nta kuka "amina." Ni ikidakuka cyanyu. Ibyo ni ikidakuka cyanyu. Ni inkingi yanyu muzirikaho. Murabona? Mwageze ku kidakuka cyanyu, gutyo" Ni ukuri kandi hari... Nta kindi uretse ukuri kandi ni ko bigomba kumera gutyo!" Noneho nyuma, iyo muzi ibyo mu mutima wanyu, ubwo mubikora namwe wese, n'ibiri muri mwe byose, noneho mukabibiha byose mu buryo bwuzuye.

Ni nk'uko Yesu yabitwigishije neza cyane ku bijyanye n'uwo mugabo waguze amasaro, noneho akabonamo Rimwe rw'igiciro kinini, noneho agurisha ayandi yose kugira ngo agure Iryo. Ukuri kose n'ibindi yari afite, nubwo ayandi yari amasaro meza, ya. . . Iri ryari rifite agaciro ka byose kuri we. Kandi iyo mubonye ikidakuka cy'Imana, Ijambo Ryayo, isezerano ku bw'ikintu runaka, birabakwiye mbere na mbere kumenya ko ari Ijambo ry'Imana, ko ikintu mubona gisohora, ari Imana. Ntuhari "Birashoboka ko ari ko bimeze, birashoboka, birasa n'ibishoboka." "Ni Imana!" Ubwo iyo mugeze aho, noneho ni ibyo isaro ry'igiciro kinini, mugomba kujya kure y'ibintu byose undi muntu ababwira bitandukanye n'ibyo. Ntimugomba gushingira ku byo umuntu yasohojye. Mugomba gushingira ku byo Imana yavuze no ku byo Yasezeranije, kandi mukayibona ibisohozwa, ubwo ni aho ndetse ikidakuka cyanyu. Noneho nyuma, icyo muri cyo cyose, icyo mwabaye cyo cyose, icyo mwiringiye kuba cyose, kigomba gusa gushyirwa kuri Ibyo nk'aho ari ikibazo cy'ubuzima n'urupfu kuri mwe uwo mwanya.

43 Ndatekerezwa ko kimwe mu bintu bibuza bene Data bacu gukira, ni ukubura kwatura, kubura kwatura k'ukuri. Noneho, nk'urugero, bishobora gusa gake nk'aho ari bibi, ariko aho si intego yanjye. Kandi ndabona umugore wanjye wicaye aha. Niba uyu muni, nasohotse aho noneho nkaramutsa undi mugore, kandi tukaryamana, namenyaga uwo mwanya, nyuma yo kubikora, ko nakoze nabi, rwose nakoze nabi. Noneho, nta gushidikanya ko Umuhozwa wanjye azandinda gukora ikintu nk'icyo. Murabona? Murabona? Ariko ndashaka kuvuga ko niba na nabikoze, kandi nkaba na. . . ko byambayeho kubikora cyangwa ikintu bisa. Noneho ubwo, nzi ko ikintu cya mbere, ni ukubibwira umugore wanjye, mbere yuko nshobora kubibwira Imana "Mbabarira", kubera ko namucumuyeho. Muje ku gicaniro noneho mukibuka ko mufite ikintu runaka kibangamiye umuntu, mujye mbere na mbere kubishyira muri gahunda mbere yo gutanga ituro ryanyu. Ni ukuvugaga ko binkwiye kumwegera. Ndizera ko kwatura, ni no gushyira ibintu muri gahunda. Nta kwatura k'ukuri guhari ibyo bidahari.

44 Ni iki cyaba noneho mvuze nti "Ngiye kubyatura, ko nakoze nabi, nkavugaga nti "Mwami mwiza, o Nshuti yanjye, Uzi ko nkuzi neza cyane. icyubahiro kibe icy'Imana! Aleluya! Ndatekerezwa ko Uri Umuntu mwiza. Mbabarira. Urazi, inshuti yanjye ya kera, sinari mfite intego yo kubikora gutya"? Murabona?

Noneho, mwavugaga muti "Ni sakirirego." Ni ko biri. Kwihana gutyo, ni kimwe muri byo.

Ariko ni iki cyaba ntangiye kuvugaga nti "Mwami, sinari mfite intego yo kubikora neza gutya, ngwino umfashe kandi sinzongera kubikora"? Izajugunya ituro ryanjye kugeza ngiye bwa mbere kubitunganya n'umugore wanjye.

45 Noneho ni iki cyaba ngiye imbere ye no kutubaha kumwe noneho nkavugaga nti "Tuvuge noneho, umukobwa w'umunyamwete, inshuti ya kera, nyina w'abana banjye, n'umukunzi wanjye, uzi ko turi inshuti za kera kuva igihe kirekire. Tuvuge noneho, ni iki cyaba ndamukije undi mugore? Kandi ni iki wavugaga, mugore mutoya wanjye, wambabarira?"

Ndashushanya ishusho yagaragaza. Yavugaga ati "Ni iki cyabaye k'umugabo wanjye?" Murabona? Noneho, bwa mbere, ntazamenya niba natebyaga cyangwa ntatebyaga.

Noneho ntimuzatura muri ubwo buryo imbere ya mugenzi wanyu cyangwa y'Imana. Mujyayo n'ukuri

kwimbitse, mufite kwicuza kwera kw'icyaha cyanyu. Bwa mbere, mugomba kwicuza. Ngomba kumubwira "Mukunzi, ngwino hano, birashoboka ko ibyo byasenyaye ubuzima bwacu bw'abashakanye busigaye. Uri umugore tubana, ni wowe umukunzi wanjye kandi uzi ukuntu nahamije urukundo rwanjye muri icyo myaka yose. Ariko ubu, birashoboka ko ugiye kunsiga, kuva uyu muni, birashoboka ko utazongera kugumana nanjye, birashoboka ko utazongera kunyemera. Kandi ndabizi. Ariko nubwo bimeze gutyo, kugira ngo nshyire ikintu muri gahunda, ngomba kujya muri gahunda." Ngomba kubimubwira biturutse ku ndiba y'umutima wanjye.

46 Nyuma, ngomba kubibwira Imana mu buryo bumwe. No kubibwira babiri, kuri we no ku Mana, n'umutima umenetse, ko ntazongera kubikora na rimwe, mu buntu bw'Imana. Murabona? Ntimukore rwose. . . Noneho, nshobora kubi. . . na we (Murabona?) ntazabibona. Birashoboka ko imvugo yanjye kuri we izashobora kubimwumvisha, ariko imvugo yanjye ntizumvisha Imana. Ireba umutima wanjye kandi irawuzi. Kandi nyuma ya byose, hamwe nawe, nzamara gusa imyaka runaka y'inyongera, niba Imana ibyemeye, kandi tuzazamurwa muri iyi si. Ariko hamwe n'Imana, ni Iteka, ku bw'ibyo, ngomba kuba umunyakuri mu buryo bwimbitse n'Imana. Noneho ubwo, niba ndi umunyakuri, Izambabarira. Ariko niba ntari umunyakuri, nta cyo bimaze kuri njye gutakaza igihe ku Mana inyumva.

Kandi ni aho twageze uyu muni, mu bantu. Birasa nkaho nta kuri kuvuye k'umutima twakagombye kugira.

Kandi ndatekereza ko umugabo cyangwa umugore uje kugira ngo bamusengere, yakagombye mbere na mbere kwatura ibyo yakozwe byose kandi akabishyira muri gahunda. Mu by'ukuri, murabona, mubona inshuro nyinshi k'uruhimbi, mubona, murebe kugeza aho NI KO UWITEKA AVUZE ijya. Murabona? Murabona? Abantu, iyerekwa rizashingira, mu by'ukuri, k'ukwizera kwabo; ni Imana yabisezeranije n'impano. Ariko gukiza, ni ikindi kintu, murabona. Ni ukuvuga ko Imana ibizirikana, murabona?

47 Noneho, turabona ko ari byo biba, abantu batura bagomba kuza bafite ukuri kuvuye k'umutima. Mfite aha, simfite igihe cyo kubisoma, ariko ni Binghamton, i New York, ndatekereza. Cyangwa, ese ndibeshye aho hejuru? Cyangwa, ni Binghamton, ndatekereza. Ahari ishyirahamwe ry'inkweto Endicott. Binghamton, ndatekereza ko byitwaga Binghamton, Binghamton, ni ibyo, i New York. Twari aho, mu nyubako y'ishyirahamwe ry'inkweto Endicott-Johnson, icyumba kinini, kandi twahagize uruhererekane rw'amateraniro. Kandi igitondo kimwe, Billy Paul yagumye mu cyumba byegeranye, hari hakonje cyane kandi umuyaga warahuhaga. Kandi nari navumvuye mu bantu kubura ukuri kuvuye k'umutima, ni ko twavugaga. Noneho nibajije impamvu. Umugabo yarakize, aho, ku ntogo, cyangwa ndavugaga by'umwihariko k'umugabo. Uwo mugabo yari afite intimba ikomeye, kandi yakize uwo mugoroba mu gihe yari ahagaze aho. Noneho mbere yuko tugenda, iminsi itanu, uwo mubabaro wari wamugarutseho. Murabona? Mu by'ukuri, mu Bwiza bw'Umwuka Wera, Wari wabimukuyeho. Neza nk'uko Wabikoreye uwo mugore ukiri muto hashize akanya gato, aho mu mbuga, cyangwa umugabo ukiri muto ejo hashize nimugoroba, murabona? Ariko hagomba kuba ukuri kuvuye k'umutima, kumenya ko Imana ishobora kubatandukanya n'ibyo ubu, binyuze muri uko gusigwa kumwe kuri kuri mwe, ishobora kubishyira kure yanyu. Murabona? Noneho nyuma, igitondo kimwe, izuba rirasa, Umwuka Wera waramvugishije, uvugaga uti "Zamuka k'uruhimbi cyangwa ahantu runaka aho, zana abo bantu aho, kandi utume batura ibyo bakoze byose, mbere yo kubasengera." Murabona? Ukuri kuvuye k'umutima!

48 Niba isi itihana, iciriweho iteka ryo kurimbuka. Murabona? Kandi kwatura, ni cyo isi ikeneye uyu muni, kwatura kuvuye k'umutima.

Ni nk'umuti urwanya indwara. Dushobora gusoma twese ku icupa kandi tukamenya umuti uwo ari wo, kandi tukamenya indwara ibyo - ibyo bikiza. Ariko, murazi, gusoma uko ukorehwa. . . Ngiye kubikoresha kuri Bibiliya, nk'urugero; amashuri yacu na seminari bishobora byose gusoma Ijambo. Ariko, murazi, ikintu kimwe cyo gusoma uko bikoreshwa no kuntu bifatwa, nti - ntibikiza indwara. Murabona? Ni ngombwa umuti, ibyo bigomba gufatwa! Ku bw'ibyo, umuntu ashobora kuvugaga ati "Ndi umunyatewolojiya. Noneho, ntimumbwire, nzi Ibyanditswe ku bijyanye n'ibintu bitandukanye. Nzi ko Bibiliya ivugaga ibintu runaka, runaka. . ."

49 "Uwumva Ijambo Ryanjye", Yohana Wera 5. 24, nk'urugero. "Uwumva Amagambo Yanjye kandi akizera Uwatumye, afite Ubugingo Buhoraho." "Cyangwa, nk'uko King James ibigira "by'igihe cyose", bishatse kuvugaga "By'iteka", mu kuvugaga neza cyane. "Afite Ubugingo bw'iteka, kubera ko yizeye." Abantu benshi bavugaga ko bizera. Noneho, ni byo. Ibyanditswe ni ukuri. Nsoma Amabwiriza, nsoma ibyategetswe, kandi na... umuti urwanya icyaha cyanjye, ariko ese nshobora kubifata? Ese nshobora kwizera? Nshobora kuvugaga nti "Ndizera", ariko ese ndizera mu by'ukuri? Ni iki ikintu gikurikira. Ikintu kimwe cyo gusoma no kumenya uko bikoreshwa ntibikiza indwara. Ikibazo ni uko (mu kibazo cyacu), ntidushaka gufata icyo Igisubizo kivugaga gufata. Dufite Igisubizo, ariko ntidushaka kugifata. Tuvugaga ko tubikora, kubera ko dushobora kubisoma, ariko kuwufata neza, ntitubikora. Murabona, ni kimwe n'Ubutumwa bwiza, umuti, muri iki kibazo. Niba umurwayi. . . kandi bisobanurwa ko umuti ukiza umurwayi, umurwayi asoma byose k'ubuvumbuzi bw'uwo muti, kandi akamenya buri kintu kiwugize, azi byose - izina ry'umuntu w'ubumenyi wavumbuye ubwo bwoko bw'umuti, nk'urugero urukingira Salk n'ibindi. Niba tuzi Ijambo Ryose kubijyanye

n'ibyo, ariko tukanga kuryakira, Ntirizadufasha. Murabona, Ntirizadufasha.

50 Ariko, noneho nyuma, nk'uko tubivuga tuti "Twarabifashe!" Kandi niba muvuga ko mwabifashe, kandi umurwayi akaba atagaragaza ibisubizo, ni uko atabifashe. Ni ibyo. Noneho, ni iki kizaba niba iyi saha k'urukuta atari ikintu kinini, murabona. Nahitamo kuguma aha noneho nkabizanzira mu buryo burambuye, hamwe n'imbaraga nyinshi, abantu bacu, kuko Ubutumwa bwiza bwagaragaje ibyo bintu, kandi basa n'ababyemera, kandi biragaragara ko batabyemera! Ni gute umuntu ashobora gusoma ibyanditswe ku kintu gito mvuga, ku bijyanye n'abagore bafite imisatsi yogoshe, bambara amakabutura, n'ibindi nk'ibyo, ni gute bashobora kwiyita abakirisitu kazi mu gihe Umuti ndetse uvuga ikindi kintu! Murabona? Ni gute? Muzavuga muti "

Ariko babyinye mu Mwuka, navuze mu ndimi." Ibyo nta kintu bishatse kuvuga. Ubuzima bwanyu bwite bwerekana ko mutabifashe! Murabona? Mwavuze ko mwa - ko mwawufashe, ariko mu by'ukuri ntimwabikoze! Mu by'ukuri, mukomeza kwerekana ibimenyetso byose Umuti ugomba kuvura. Kandi Umuti ku bijyanye n'Ubutumwa bwiza, ni ubuvuzi bwatanze! Mu buryo nta kuka. Noneho, murabona, birabakwiye kugaragaza umusaruro.

51 Nk'urugero umuntu uvuga ko ari "Ndi umwizera. Ndizera." Mureke Umucyo w'Ubutumwa bwiza umukubite, mwene Da, awakirira aho ku kibuga azagaragaza umusaruro. Nta gushidikanya. Ntimuzongera kubona na rimwe uwo muntu muri sale y'imikino ya biyari, ntimuzamubona aho hanze n'itabi mu kiganza, ntimuzamubona ari kunywa. Yoo, oya. Ntimuzamubona akururana n'abandi bagore. Oya, oya, oya. Nta cyo bimbwiye cyane uburyo bagaragaza umubiri wabo w'umugore imbere ye, azahindukiza umutwe we noneho arebe hejuru mu ijuru, kuri Krisitu. Ni iki? Ibyo byerekana ko Umuti watanze umusaruro. Kandi udatanze umusaruro, noneho mukibwira muti "Noneho, nzi ko nawufashe", noneho, ubwo ni he muri uyu muni rwose? Muri mo gupfa. Mugaragaza. . . Ndabasuzuma nsuzuma ikibazo cyanyu, nkoresha Bibiliya, ndanzura ko mukiri mu cyaha. Kandi igihembo cy'icyaha, ni urupfu. Ntimutekereze ko bigomba gusobanurwa cyane kurusha ibi. Murabona, ibikorwa byanyu bwite birabihama, ibikorwa byanyu bwite bihama ko mutawufashe. Mwatekereze ko mwawufashe. Amina. Birashoboka ko mwabaye umunyakuri rwose mukubikora, ariko ntimwabikoze! Mu by'ukuri, niba mwarabikoze, Imana yasezeranije ko Ibyo bizatanga umusaruro kuri mwe. Kandi icyaha cya kera kiracyari aho, kamere ya kera ya Adamu iguma kwihambira aho, kutizera kwa kera. Nyamara, mushaka kwihesha agaciro imbere ya bagenzi banyu, muvuga muti "Noneho, ndi umwizera. Yoo, icyubahiro kibe icy'Imana! Yego, ndi umwizera. "Ariko, murabona, ibyo nta cyo byabamariye.

Birashoboka ko umurwayi ubwe rwose atagenewe uwo Muti. Niba atarawugenewe, nta kintu bizigera bitanga. Ni byo. Murabona?

52 Ariko murebe uyu mugore muto ufite ubuzima bubi, igihe Umucyo wamukubitaga, aho hari ikintu runaka cyo kwita ku mimirere ye. Murabona? Niba twizera kandi tukatura tubikuye k'umutima, uwo Muti w'Imana uzatanga umusaruro. Imana ifite uburyo bwatumye hagaragazwa ibyo bintu.

Noneho, murebe, umuntu azatangira kuvuga ati "Noneho, nabaye umunyamuryango w'itorero. Ibyo birangiza ikibazo ku'bwanyje." Si ibi inzira Imana yatanze.

Inzira Imana yatanze, ni ukwihana, kwatura, no gutanga umusaruro, kwera imbuto ikwiriye kwihana, kwerekana ukuri kuvuye k'umutima. Mushoboye gusa kubikora iki gitondo, mwe tujyiye gusengera! Namwe mukurikiye iyi bande, mu isi, kandi nyuma yuko iyi bande izaba yakinywe kandi umuvugabutumwa cyangwa umuntu ubikina mu materaniro, mu mashyamba y'inzitane cyangwa mukaba, ubikina, mbere na mbere mwite ku kwatura mu buryo buboneye, noneho nyuma, muze nta kintu na kimwe mu mutima, niba atari ibyo ukwizera, kugira ngo tubasengere, aho Umuti uzagenda.

53 Yesu yaravuze ati "Mwihane, kandi buri umwe muri mwe!" Ndashaka kuvuga, Petero yabivuze k'umunsi wa Pantekote ati "Mwihane, kandi mubatzwe mu Izina rya Yesu Krisitu ku bw'imbabazi z'ibyaha byanyu, kandi muzakira impano y'Umwuka Wera. "Iyo mwihanywe mu buryo bwuzuye kandi mukizera Umwami, kandi mukabatzwe mu Izina rya Yesu Krisitu, muhindura Imana umubeshyi iyo mutakiriye Umwuka Wera. Niba... Dore icyo Yesu yavuze, inshingano ya nyuma ku Itorero Rye "Dore ibitangaza bizaherekeza abazizera. Bazarambika ibiganza ku barwayi, abarwayi bazakira." Kandi nimubona ibyo bimenyetso biherekeje umwizera, muraza noneho uwo mwizera akabarambikaho ibiganza, kandi niba nta kintu kibaye, ubwo rero ikintu runaka ntikigenda mu kwizera kwanyu. Murabona? "Abizera!" Imana yasezeranije ko Izatanga uburyo.

54 Tugerageza kwihumuriza tuvuga tuti "Sintegetswe kumva. "Oya, ni byo, ntimubitegetswe."

Ariko niba mwaragenewe Ubugingo bw'Iteka, muzabyumva kandi muzabyishimira. Ni aho guhumurizwa kwanyu. Ni ikintu mwifuje mu buryo bukomeye ubuzima bwanyu bwose. Ni iryo Saro ryatumye mwitegura kwanga byose. Murabona? Murabyifuza, kubera ko muzi ko ari ukwitabwaho kuzuye k'urukundo rw'Imana kuri mwe. Ni ikintu gishyira iherezo ku cyaha cyanyu, kugira ngo hashyirwe iherezo k'ukutizera, kugira ngo hashyirwe iherezo kuri byose ku nyungu zanyu, niba mubishaka. Mu by'ukuri ni urwaye kandi uzi ko

ari umurwayi ushaka umuganga. Murabona? Si utarwaye, uwo ntabikeneye, ni ko Yesu yavuze. Ariko ni bariya barwaye. Niba mushobora kumenya uko muhagaze, ubwo rero birabakwiye gukora icyo Yavuze gukora. Ubwo rero bigomba gusohora, niba atari ibyo Imana yavuze ikintu kitari cyo. Murabona?

55 Rimwe na rimwe abantu benshi, mu gihe cy'umurimo, ntibatangirira aho gutangirira. Birabakwiye kugira ubuzima bwejejwe, birabakwiye kuba muri muri gahunda, birabakwiye mu by'ukuri kuvuga ngo "Yego, ndabyizera", bigomba kuva mu mutima wanyu. Ubwo rero, mwe. . . Nta muntu ugomba kuzabahendahenda kandi avuga ati "Noneho, yoo, mwene Data mukundwa, mushiki wacu mukundwa, mwakagombye gukora ibi, mwakagombye gukora biriya." Murizera, nta kintu gishobora kubibambura. Nta cyo bimbwiye cyane icyo undi ashobora kuvuga, icyo guhumurizwa kose, icyo umuhoza wese, icyo umuganga wese, icyo ivuriri ryose, icyo gusuzuma kose byashobora gutangaza, muguma kutizera. Mu by'ukuri murabizi neza. Nta cyo bimaze kuvuga icyo ari cyo cyose kindi kuri Ibyo, murabizi neza! Noneho, ni ikintu cy'umwimerere.

56 Dufite kwigana kwishyamba muri byose. Bigomba kumera gutyo. Bigomba kumera gutyo. Ntibibabwira ikibazo. Bigomba kuba aho. Byahozze birihho kandi bizagumaho. Ariko ndababwira iki gitondo ikiri Ukuri n'ibikorwa. Turi mu gihe cy'iherezo. Tugomba kwerekana Ukuri aho hejuru, murabona, no kumenyekanisha ikiri Ukuri.

Uyu munsu, turabona ko abantu badashaka kwemera inzira y'Imana kuri ibyo. Bashaka, Imana yatanze uburyo ku bwo guhumurizwa kwanyu. Imana yatanze uburyo kuri ibyo bintu byose. Ariko abantu ntibabishaka. Abantu bakurikira izindi nzira. Kandi igihe cyose babikoze bitandukanye n'ibijyanye n'inzira y'Imana, bikururira umujinya w'Imana, igihe cyose babikoze. Ni ibyo.

57 Kandi ibi bintu byose navuze, ni kuri ibyo bitujyana, isi, ibyo bintu byose, gushakisha ibindi bikorwa by'ubumenyi, gushakisha ibikorwa by'itorero, gushakisha ibintu bitandukanye, byatujyanye ku iherezo ry'isi. Turi ku iherezo, Ntihakiri ibyiringiro. Turiho nta byiringiro byo kurokoko. Ntitunafite amahirwe make yo kurokoko. Noneho, mundeke mbivuge mu magambo arambuye mu minota runaka, no kubibereka mu buryo bworoshye.

Kandi mufate, mwese, niba mutagifite, birabakwiye gufata ikinyamakuru cya muganga, birabakwiye gufata "Reader's Digest" n'ibindi, abo tubona ibyo bikorwa. Noneho, ku bwo gukora...

58 Aha hari umuvugabutumwa wohera ubu Butumwa ku isi. Gutanga itangazo nk'iryo, ko nta byiringiro dufite, ko turi hirya yo gucungurwa n'urubanza, ko twarenze umurongo utandukanya gucungurwa n'urubanza, noneho, birankwiye kwereka iteraniro imfatiro z'iri tangazo. Ni ngombwa ko haba impamvu kugira ngo umuntu, niba ari mu kumva kwe kwiza nk'uko ntekereza ko ari ko ndi, atange iryo tangazo, kubwira igihugu cye, kubwira iteraniro rye, kubwira abantu ibyo bizajyaho, ku isi, mu bihugu mirongo itatu cyangwa mirongo ine bitandukanye, wenda, mu isi, kandi ku moko n'indimi, ko turi mu gihe cy'iherezo, dutegetswe gutangaza cyangwa ahubwo - cyangwa ahubwo - cyangwa ahubwo kubisobanura gake mbere yuko tugera ku kintu k'ibanze cy'insanganyamatsiko y'iki gitondo.

59 Mwumve, noneho turebe aho ubumenyi no kwiga byatujyanye, ni ikintu ndetse umuntu yemeye aho kwemera Ijambo ry'Imana, kwemerwa k'ubumenyi. Kandi ubumenyi igihe cyose bwagiye buvuguruza icyo bwahamyaga. Hashize igihe runaka, nasomaga ibyo umuntu w'ubumenyi w'umufaransa yavuze, nyuma y'ibyo hashize imyaka magana abiri cyangwa magana atatu hafi "Usunitse umupira k'umubumbe w'isi, ni ko yavuze, ko uwo mupira wagendera k'umuvuduko... Bibayeho isi ikavumbura igikoresho cyayemerera kugendera k'umuvuduko wa mayilo 30 [km 48 - N.D.T.] Ku isaha, ikintu nk'icyo, impande y'isi", yabigaragaje mu buryo bw'ubumenyi, avuga ati "ibyo byazamuka ku isi bitewe n'imbaraga z'isi zikurura." Murabona? Noneho, muratekereza rwose ko ubumenyi bwashingira kuri uwo muhungu? Oya nta gushidikanya. Ibi, byarangiyeye kuri bo.

60 Noneho, rwose tubitekerezeho, dukunda twese kuvuga tuti "Ndashaka ko bigaragazwa mu buryo bw'ubumenyi." Ni cyo benshi mu bizera b'amadini bavugaga uyu munsu. Barashaka gihanywe mu bumenyi. Noneho, nshobora gusubiza neza nti "Munyereke bijyanye n'ubumenyi Imana mu iteraniro ryanyu. Munyereke bijyanye n'ubumenyi ikintu icyo ari cyo cyose cy'ukuri. Mukigaragaze!"

Ni iki cy'ukuri? Ubugingo. Ndashaka ko mwampa ubufite agaciro k'amasenti 25, cyangwa mundeke ngurushye ibyo mfite byose kugira ngo ndonke iki gice cy'ubugingo. Ese ubugingo burafatika? Niba budafatika, kubera iki turi aha twese?

Ubugingo, ukwizera, urukundo, ibyishimo, amahoro, kwihanganira, umutima mwiza, ubugwaneza, kwihangana, ubumenyi ntibushobora kubikoraho. Kandi ni cyo kintu cyonyine cy'ukuri kandi kimara igihe kibaho. Ingabo yose y'abakirisitu ituruka ku kitagaragara. Ariko imyumviro ntijya ihura n'ibyo bintu, nyamara barahari. Ni yo mpamvu bakwiye ukwizera ko kubyizera, gukiza Kw'Imana n'ibindi byose. Ntidushobora kugaragaza igikiza mu buryo bw'Imana, ariko tuzi ko gukiza kw'Imana kubaho. Ntidushobora kugaragaza igikiza icyaha, nyamara tuzi ko abantu bakijijwe ibyaha. Ndetse, ibyo ntibishobora kugaragazwa mu buryo bw'ubumenyi, ariko ni uburyo bw'ubumeyi bijyanye n'uburyo bwo kureba

kw'Imana.

61 Noneho, ni iki ubumenyi bwatuzaniye? Noneho, bishobora kubakomeretsa rwose akanya gato. Ubumenyi bwatuzaniye indwara, urupfu n'umubabaro. Noneho, babigishije gusa ubwoko bumwe bw'ibintu. Ariko aho hari ubwoko bubiri. Muzavuga muti "Ubumenyi bwavumbuye ibi, biriya n'ibindi." Noneho, tujyiye kubaha ayo mahirwe. Ariko turebe ubundi bwoko. Ubumenyi bwatuzaniye uburwayi. Ubumenyi bwatuzaniye agahinda, urupfu.

Murebe! Ibiryo byibikorano bikozwe n'ubumenyi n'ibindi byateje urupfu kuri iki gisekuruza. Byahinduye abantu abanyanteye nke n'ibindi byose, ku buryo abagabo n'abagore bahindutse gusa ikirundo cy'ibyondo, nta gikanka gihari aho. Twahindutse abantu boroshye. Ntibashobora kubaho badafite umwuka ugenywe, barimbuka. Ntibashobora gukina umukino wa baseball, umwe muri bo agonze ikintu gito ahantu runaka, kiramwica, ku kibuga cy'iteramakofe n'iki kindi nzi na none. Twacitse intege cyane k'uburyo umugabo n'umugore, noneho, ibyo birabamunga.

62 Kandi batara amatungo ibyo bintu by'ibivange bifite uyu muni ingaruka k'umuntu, bijyanye n'ubumenyi ubwabwo, kandi ibyo birabamunga. Mu by'ukuri, iyo inka ikomoka mu ibangurira, cyangwa icyo kurya icyo ari cyo cyose gikomoka mu bintu bibanguriye, ni icyo cyo kurya gitanga akaremangingo k'amaraso, kandi akaremangingo k'amaraso, ni ubuzima bwanyu. Murabona icyo bitanga? Noneho nyuma, mu biryo, bashyira ibyo bintu mu biryo, kandi iyi saha, bisobanurwa ko ibyo bintu bashyiramo bifite ingaruka ku nyoko muntu. Bijyanye n'ubumenyi!

Banyanyagiza DDT mu mirima, undi muni nabonye, n'uyu muni dufite muri uyu muryango, abantu magana inani barwaye kubera bariye amagi. Muribuka hashize imyaka igihe, ku nshuro ya mbere, na, igihe twari dufite inyubako ntoya aha, narahanuye, mvuga nti "Mu muni ya nyuma, ntimuzature mu mubande kandi ntimuzarye amagi." Mbifite mu gitabo cyanjye. Natekerezaga ko hari ikintu runaka kuri ibyo, najyiye kubireba. "Kutarya amagi." Byari aho kure mu 1933. Uyu muni, hari ikintu runaka mu magi, kandi ndabona icyo ubumenyi buvuga, ko umuntu uri hejuru y'imyaka mirongo itanu atakagombye kurya igi, kubera ko ni byo biryo byangiza cyane umutima. Indwara!

63 Amata. Kera, ibiryo biringaniye kurusha ibindi twari dufite, byari amata. Abaganga bazababwira bati "Muyirinde." Bitera sinezite n'ibindi bisigaye byose. Ni icyo kiremwa muntu kimwe, kera, cyarayafataga kandi kikabaho mu gihe cy'imyaka kitigeze kigira sinezite, ariko kubangurira n'ibindi byangije igikanka cy'ikiremwa muntu k'uburyo ari ikirundo cy'ibyondo gusa, ipaki y'uburwayi. Ni iki kiri ku ikubitiro ry'ibyo? Ubumenyi!

Murebe! Ibyo byacyiye intege uturemangingo hagati y'umugabo n'umugore, intege nke z'umubiri z'ikiremwa muntu binyuze mu turemangingo (jene), no kwiyongera k'umubare w'abana bavuka bafite ubumuga bwo kugenda ni hafi mirongo itatu ku ijana. Umubare w'abana b'ibigori uriyongera cyane. Kandi izi ntege nke ziterwa n'ibiryo bituruka mu kubangurira bijyanye n'ubushakashatsi turya kugira ngo tubeho, bica intege umubiri, ibyo bitera kanseri, ibibazo byo mu mutwe, n'ubundi bwoko bw'indwara bujya mu mubiri w'umuntu bitewe n'izo ntege nke. Bijyanye n'ubumenyi, turisenya, tujya kure y'umugambi w'Imana.

Yaravuze ati "Buri mbuto yere bijyanye n'ubwoko bwayo."

Murabona aho turi? Ndashaka gukomeza ubudacogora; igihe cyacu kiragenda. Ariko, turebe, ni iki kibitera? Ni ubumenyi bwateje urupfu, indwara no guseniyuka.

64 Noneho undi muni, nabonye, nabwiraga inshuti yanjye ihenze, dogiteri Vayle wicaye aha, ko hari ikinyamakuru kivuga ko abantu bapfa bitewe na penisiline. Mu by'ukuri si penisiline, ni umwanda binjiza aho mu gihe cyo gukora penisiline. Ni igikorwa cyo gushaka amafaranga, ni uburyarya bwo kwishakira amafaranga bitewe n'irari. Rimwe na rimwe abaganga basobanura imikorere y'umuti wa aspirine ntibanazi uko ukorwa, kandi se abohereza kure kugira ngo bahinduke inzobere mu kintu kimwe cyangwa ikindi, kandi ntibanazi ukuntu bavura mu nda y'umwana. Ariko ni iki dufite? Ubusambo bw'amafaranga, bwo gukomera, cyangwa ikintu gito nk'iki. Ni mu buryo bugoranye niba tubona na none abaganga b'ubukangurambaga mu buryo bwa kera bari bafite akamenyero ko kujya kubavugisha, kubahumuriza no gukora byose. Bakura Imana mu buryo bwuzuye ku kibaho, mu by'ukuri, bakurikiye inzira yabo bwite. Kugira ngo bakure Imana ku kibaho, bahakanye mu buryo bwuzuye kubaho Kwayo mu bisobanuro. Niho turi.

65 Ni cyo twakoze hamwe no kubangurira. Murabona, umubiri. . . Ikimera gifite ubuzima bwiza gishobora mu buryo bugoranye kwatakwa n'uburwayi. Hari ibyo bimera bihingwa mu nzu yabigenewe, ibyo bimera bibanguriye bibasaba kuhira igihe cyose. Kandi benshi muri mwe basomye ubutumwa bwanjye ku iyobokamana ribanguriye, babyuhira ubudacogora kandi bakabihendahenda n'ibindi byose. Murebe, ariko ikimera mu by'ukuri cy'umwimerere, ntigikeneye kuhirwa, ni umwimerere.

66 Ni iki gituma umubiri w'umuntu urwara? Ni umubiri. . . nk'uko inshuti ihenze y'umuganga yabimbwiye, sinshaka kuvuga izina rye ubu ndetse, ariko ni mwene Data mwiza cyane, yansomera ikinyamakuru

cy'abaganga, igitabo mu biro bye, aho abika ibyo bitabo byose by'agaciro n'ubuvumbuzi bwavuba k'ubuvuzi. Ni intege nke. Nimubona umuntu umaze kuba mu by'ukuri. . . muvuga ko umubiri wanyu utangiye gucika intege, murwara byihuse ibicurane. Ni iki? Ni intege nke z'umubiri wanyu zitanga ururenda mu mvubura zanyu. Kandi, mikorobe z'ibicurani zirunda aho imbere noneho mukarwara ibicurane. Ariko iyo uwo mubiri uza kugira imbaraga, byasunika izo mikorobe z'ibicurane, ntibyawukoraho.

Ndetse, murabona, igihe mu ntangiriro Imana yaremaga umuntu, yari afite ubudahangarwa burwanya uburwayi bwose. Murabona? Ariko kutizera n'ubumenyi, ubumenyi no kwiga byabaye ibya mbere byashyize umuntu kure y'Imana, kandi bikomeza kumushyira kure.

67 Murebe rwose icyo itabi, ibinyobwa, imbyino z'urukozasoni zo kwambara ubusa n'ibindi byose, byateje ku iherezo ry'iki gisekuru. Ndatekerezwa ko mwibaza buri muni. . . Ngiye kugira ibyo ntangaza aha. Sinari bubikore, ariko ndizera ko ngiye kubikora.

Murabona, rimwe na rimwe turibaza, buri muni barambaza bati "Mwene Data Branham, ni iki kibatera buri muni kurwanya ibintu nk'ibyo? Ntimubyumva. . . Nk'urugero, mujiye mu rusengeru rw'undi, noneho, nshobora kuhazana abagore kandi ntibashobora kugubwa neza mu gihe mubwiriza. Igihe cyose muba muri kubatuka, noneho, kubera imisatsi yabo migufi, kwambara imyenda y'abagabo, n'ibyo bintu byose bisa. Noneho muvuge, kubera iki mubikora?" Noneho...

68 Ubu bushobora kuba ubutumwa bwanjye bwa nyuma kugeza mu iki ritaha, murabizi, ariko ndashaka kubabwira. Dore icyo ari cyo. Ni umwuka wo kurondora kuri iyi minsi ya nyuma, uzi ko ibyo ari ikintu kivumye imbere y'Imana. Rimwe na rimwe, nibaza niba umubwirizabutumwa afite kurondora kw'ibiba muri iyi minsi ya nyuma. Imana ndetse ibahishurira indwara zanyu kuri uru ruhimbira n'ibyo mwakoze, n'icyo muzaba cyo, na - n'ibibazo byanyu, uwo Mwuka umwe muri mwe urareba kandi ushobora kurondora ibimenyetso by'igihe, kandi Ntushobora kwibuza guterera hejuru. Ni Umwuka wo kurondora; mu by'ukuri, Umwuka Wera ubwawo uvuga ko icyo kintu, ari icyaha, kandi umuntu wese ugira uruhare kuri icyo azarimbuka. Kandi noneho, ni gute nshobora kubarwaho gukiranuka mu maso y'Imana, mbona bashiki banjye na bene Data muri ubwo buryo bw'imimerere, kandi simbirwanye? Nubwo bandikarira, ngomba buri gihe kubiciraho iteka. Ni ukurondora. Rimwe na rimwe ntibemeranya n'Ijambo n'ibindi byose, kandi ni ukutagira kurondora. Muze mubirwanye n'Ijambo. Murabona? Murebe, tuzi ko ari ukuri. Noneho, ni ukumenya ko ari ukuri. Ni ukurondora mu minsi ya nyuma.

69 Noneho, turabona iby'ubumenyi, sinshaka kujya kure cyane, igihe cyanjye kirihuta cyane. Noneho, turebe inshuro ya kabiri kwiga kandi turebe icyo ibyo byakoze. Murabona? Noneho, dufite amatorero abiri akomeye.

Noneho, tuzi ko byari ibi, ko byari iyo mpamvu, imitekerereze isanzwe yatumye umupira w'icyaha utangira kugenda mu ntangiriro. Byari imitekerereze irwanya iki? Imitekerereze irwanya Ijambo ry'Imana. Igihe Imana yabwiraga Adamu na Eva iti "Umunsi muzakiryaho, uwo muni muzapfa." Ibyo birangiza ikibazo, byari ibyo gusa. Kandi Yabarinze umwanzu inyuma y'urukuta rurinda, inyuma y'Ijambo Ryayo. Ariko igihe Eva yakurikizaga imitekerereze ya Satani, murebe, umuco, kumva, kwiga, iterambere, murebe, yasohotse inyuma aho noneho akurikiza imitekerereze ya Satani, yakoze ikintu Imana yari yaravuze kudakora. Kandi niba intekerezo imwe gusa, gukurikiza intekerezo imwe gusa irwanya Ijambo byateje ibyo bibazo byose, intekerezo imwe gusa irwanya Ijambo ntizabagarura ahantu hamwe, mu by'ukuri, ni kangahe byaba bitumvikana k'uruhande rw'Imana kugarura umuntu ku kintu kimwe Yamwirukanyeho! Murabona? Murabona? Birabakwiye kuza ku Maraso yamenywe ya Krisitu. Idini ryanyu ntirizagenda, n'intekerezo zanyu ntizagenda. Ni Amaraso no kuvuka, kandi Ibyo bitanga muri mwe icyaremwe gishya, Krisitu, kandi mubaho ubuzima nk'Ubwe, kuko Uburozi mufata bugira ubukana bwo kwica icyaha cyo kutizera, byose uretse Ijambo ry'Imana.

70 Kwiga biduha. . . Dufite amatorero abiri yegeranye iki gitondo. Rimwe muri ryo, ni Itorero rya pantekote ryashyizweho kuri Pantekote n'Umwuka Wera; irya kabiri, ni Itorero gatulika rya kiromani ryashyiriweho i Nicee, Roma. Rimwe, ryanyuze mu kuvuka k'umwuka; irindi, bahinduka umunyamuryango binyuze mu bwenge. Kuri iryo torero haturutse abaporotesitanti, amadini yose. Ryari idini rya mbere. Amadini yose aturuka kuri iryo kandi abyarwa n'iryo, Iyahishuwe 17 harabivuga hati "Ryari maraya na nyina w'ibyanduye." Ni byo. Noneho ntihari. . . inkono ntishobora kunegura ishyiga, ivuga ko itwikiriwe n'ibinure, murebe, mu by'ukuri, ni byo, ni ikintu kimwe. Byishyize hamwe, byarangiye, ni i Roma. Nta cyo bimbwiye cyane icyo ari cyo, byarangiye. Bibiliya, tumaze kwiga ibyo bisekuru by'itorero, kubyerekana. Rimwe rishingiye k'ukurondora k'umwuka; irindi rishingiye ku gitekerezo cy'ubwenge no kwiga.

71 Noneho, ibyo bitugarura mu ngobyi ya Edeni indi nshuro y'inyongera, neza ku kintu kimwe. Umugore (itorero, yari we wumvise, ntibyari Adamu, byari umugore! Noneho, barashaka kuba itorero mama, mujyeyo! Ni byo rwose. Nta kintu cyo kwibeshya itariki. Bagira imyizerere yabo. Murabona? Murebe, neza mu kintu kimwe, gushidikanya ku Ijambo ry'Imana! I Nicee, Roma, igihe ikibazo cyazamurwaga ku bijyanye n'umubatizo w'amazi, ku bijyanye n'ibyo bintu bindi gutyo, ku bijyanye n'umubatizo w'Umwuka Wera, aba

eveke bose hamwe bubatse icyo twita Itorero gatulika rya kiromani, ari yo yari Roma ya cyami, ni gutyo babyita. Ejo hashize, twarangije inyigisho ku mateka, twarabyumvise kandi twarongeye turabisuzuma. Kandi byari gusa iby'i Roma, ni muri Roma hari itorero rya cyami. Ayandi yari amatorero gusa y'abakobwa kuri iryo, yitwa gusa gatulika.

72 Itorero ryacu naryo ni Itorero gatulika, rya rusange, ari ko - kwizera kwa rusange kw'abizera bose. Rimwe muri yo ryabyawe n'Umwuka w'Imana kandi rifite Umwuka Wera muri ryo, kandi bigaragazwa n'Ubuzima bwaryo, inyigisho yaryo, n'ibikorwa byaryo, ko Umwuka Wera uri aho hejuru, mu by'ukuri, ni Umuhoya Krisitu yasezeraniye, ukorera mu Itorero rye, usohozza ikintu kimwe Yakoze mu itangiriro. Ni gutyo Imbaraga (Toxine) y'agakiza ka Krisitu yakoreye mu itangiriro, ni gutyo Ibyo bikora uyu muni, ibyo bitanga umurimo umwe.

Irindi, ni igitekerezo cy'ubwenge cy'idini ryakozwe n'agatsiko k'abantu, gafite ishusho yo kwera, nk'uko umuhanuzi yabitubwiye, kandi kagahakana imbaraga y'Ukuri. Noneho, biragaragara kandi ko nshobora kubikora.

73 Noneho, ngayo amatorero abiri. Rimwe muri yo ryavukiye i Nicee; noneho irindi ryavutse kuri Pantekote. Kandi irindi ryamye rirwanya irindi. Twize ibisekuru kugira ngo tubyerekeane, rimwe rirwanya irindi. Rimwe ni itorero ryiza, hamwe n'abayobozi, abanyabwenge, intiti n'ibindi; irindi riregwa kuba agatsiko k'abera batwawe n'umwuka. Ku ntangiriro byari "Abanyabyaha, abatarize n'abasinzi." Kandi ni bimwe uyu muni; byose bishyirwa mu gice kimwe. Rimwe muri yo ni iry'ubumenyi; irindi ni iry'umwuka. Rimwe ni igikorwa cy'ubumenyi; irindi ni ukurondora k'umwuka kw'Ijambo. Rimwe ryashyizweho mu nzira y'ubumenyi, icyo udutsinda tw'abantu bavuga, aba eveke b'abanyabwenge. Irindi ryabyawe mu buryo nta kuka n'Umwuka w'Imana, ribeshwaho n'Umwuka w'Imana, risohozza Amagambo yavuzwe n'Imana kandi rigatuma asohora. Ibyo byerekana umuti mufata. Mwafashe umuti wo kwiga? Mwafashe Umuti w'Umwuka Wera? Murabona? Byiza cyane.

74 Yoo, mbega ukuntu Satani ari ingome! Nk'uko ishobora gusiga irange ikibaho, ishobora gutuma umuntu utarabyawe n'Umwuka w'Imana azenguruka ubudacogora. Kandi nta buryo buhari, tuvuze mu buryo bw'ubuhanga, bwo kubicaranya n'ibi. Nta buryo buhari.

Ni ukurondora n'ukwizera, murebe, kurondora. Turabona icyo Ijambo rivuga, turabyizera.

"Noneho, Mwene Data Branham, bavuga ko bafite kurondora." Reka rero Umwuka Wera Utange neza icyo Wasezeraniye gutanga, noneho tuzabyizera. Murabona? Ngicyo ikimenyetso.

Ni gute Umuti (Toxine) wakoze igihe Wakoraga k'umuntu?" Dore ibitangaza bizaherekeza abazizera", ni ko Yavuze. Niba Umuti warabikozeho, ubwo biri muri gahunda. Murebe, murabona? Ndetse, Bizana. . .

75 Ibi bitujyana noneho, kugira ngo turangize, mu minota runaka, ibi bitujyana kuri Abel na Kayini k'urubanza rw'igihe cya Nowa, kuri yo nzira ndetse y'igihe cya Nowa. Noneho, mbere yuko dukora umurongo w'amasengesho, mwumve mwitonze mu gihe zenguruka Ibyanditswe runaka aha mu nyandiko ntoa.

Turabona ko nyuma yuko isi yakurikiye igitekerezo cyayo cy'ubwenge cy'Ijambo, abo bantu bahindutse abantu bakomeye, abantu b'ibyamamare. Ni cyo Bibiliya ivuga, Itangiriro 6: 4. Abantu b'ibyamamare birukaga inyuma y'abagore beza cyane n'ibindi byose, nk'uko tubifite mu isi yose. Tumaze kubisuzuma mu kimenyetso gitukura, twavuze undi mugoroba ko abagore bazaba beza cyane mu minsi ya nyuma, kurusha abagabo, umuntu w'icyamamare, nk'agahomamunwa kari mu Bwongereza no muri Leta Zunze Ubumwe z'Amerika. Tuzabimenya mu buryo bwose umwe muri iyo minsi. Murabona? Ntimuzi rwose icyo izo ndaya n'abandi bose bakora. Murabona? Muzi ko igitsina gore gikora muri bare kiruta inshuro eshatu ubwinshi abanyeshuri b'igitsina gore b'ishuli ryisumbuye cyangwa abanyeshuri b'igitsina gore ba kaminuza? Icyegeranyo cya batatu kuri umwe, hagati y'igitsina gore gikora muri bare n'abanyeshuri b'igitsina gore bo mu ishuli ryisumbuye n'abanyeshuri b'igitsina gore bo muri kaminuza. Muzi ko ijanisha runaka, simbyibuka ubu, kubera ko nta bifite imbere yanjye, sinigeze mbyandika, ariko bisobanurwa ko mu bifatika kimwe cya gatatu cy'abanyeshuri b'igitsina gore mu gihugu wenda bakora ibikorwa by'urukozasoni, cyangwa bategekwa gutaha mu rugo kubera gutwita? Muzi ko igikorwa cyo gufata penisiline mu gukiza indwara zandurira mu mibonano mpuza bitsina byinjije gusa kwangirika mu bantu, mu by'ukuri, icyo kintu nticyapfuye? Ariko nubwo bimeze gutyo, murebe, Imana yavuze ko ibyo bizahanwa kugeza ku gisekuru cya kane. Ibyo ni byo bitera ubugoryi n'ibindi byose bisigaye, kandi abana ni. . . Yoo, mbega ukuntu icyaha gicengera! Ni gute abo bantu, abo babwirizabutumwa bahagarara aho kandi ntibabwirize barwanya abo bagore bambaye ubusa mu muhanda, barabareka bakariramba muri koral, n'ibindi byose gutyo, kandi batabona ko ari ikintu ndetse cyohereje igihugu cyacu ikuzimu, cyohereje ubwoko bwacu ikuzimu! Ni byo. Ku bw'ibyo rero, turabona ko nyuma yuko Imana yari imaze kubirambirwa, nk'uko ntekereza ko ari ko bimeze uyu muni. . .

76 Noneho, ngeze ku nsanganyamatsiko yanjye. Mfite uburyo budasanzwe bwo kurambura... nkunda kurambura ibintu byinshi noneho nyuma, nkagera ku nsanganyamatsiko yanjye. Noneho, turabona ko mu

gihe cya Nowa, igihe Imana yari igiye gucira urubanza isi, igihe byari bimeze nk'uyu muni, mu by'ukuri Yesu yavuze ko byari ibyo, Yitayeho? Yitayeho? Yitayeho nta gushidikanya. Yitaye ku ki? Noneho, nk'uko Yari izi ko urubanza rwazaga, kandi Ikaba yari yaratangaje urubanza, Yitaye ku bitagaho. Kandi ni kimwe uyu muni. Yitaye ku bashakaga kwitaho. Kandi turabona ko Yaboherereje umuhanuzi kugira ngo abayobore, kugira ngo ayobore ubwoko Bwayo bwatoranirijwe kurokoka Yari yaratanze. Uko Yari ejo, ni ko Ari uyu muni, n'iteka ryose. Murabona? Turabona ko Imana yitaye k'ubwoko Bwayo [Umwanya utariho ikintu kuri bande - N.D.E.]

77 Turi ku iherezo, turabona ko turi ku iherezo! Nta buryo buhari bwo kubakira kuri uku kwangirika. Ni gute dushobora kubaka umujyi ku kirundo cy'ibisigazwa byo guseniyuka bya Sodomu na Gomora? Ni gute dushobora kubikora? Hasigaye gusa ikiremwa kimwe gusa kidasanzwe, kandi ni Ukuza k'Umwami Yesu; yoo! yoo yoo! kwezwa mu gihe cy'Umubabaro ukomeye, kugarurira isi ku bw'ubwoko buri rwose mu maso y'Imana kandi bubeshwaho n'Ijambo Ryayo.

78 Murebe, Yitaye ku bitaga k'ukurokoka mu gihe cya Nowa, kandi Yaboherereje umuhanuzi. Kandi uwo muhanuzi yabayoboye mu nzira Imana yatanze. Noneho, ni gutyo Imana ibigenza. Murabona? Imana yavugishije Nowa, byari Ijambo (nta Jambo ryanditse ryari rihari muri icyo gihe), kandi Yabwiye Nowa gutegura inkuge ku bw'agakiza k'abantu no kuburira umuntu wese ko Imana yari ifite inzira y'agakiza. Kandi uwo muntu yari umuhanuzi wahamirijwe wabaretse inzira yo kurokoka. Murebe, abantu bafite umutima umenetse kandi woroheje bumvise uwo muntu kandi baramwizera, kandi bararokotse. Barokotse iki? Urupfu rwakubise isi y'icyaha yari irimo guseniyuka muri uwo muni, barokotse urupfu rwari mu muhanda ku isi yose. Ni ukuvuga ko Imana yitayeho! (O Mana, fasha ibi bimanuke mu buryo bwimbitse ubu, mbere y'umurongo w'amasengesho.) Imana yitayeho!

79 Irareba iyi si, Yarahamagaye irongera irahamagara, kandi abantu barasuzugura kandi bakanga. Hari uburyo bwo kwihana mu ntangiriro. Igihe Imana yabwiraga Yesaya kujya gushyira. . . kubwira Hezekiya ko yari ajyiyeye gupfa, Hezekiya arihana kandi abona imbabazi. Igihe Imana yabwiraga Yona kujya i Ninive no guterera hejuru, kuko mu minsi mirongo ine, Izasanya uwo mujyi, basabye imbabazi, kandi barihana. Ariko iyo tujugunye ibyo, haba hasigaye gusa urubanza! Kandi iki gihugu cyajugunye Krisitu. Babuze kwitondera umuhamagaro, ni ukuvuga ko dusigaranye gusa guhura n'urubanza.

80 Noneho, Imana yita ku bihannye? Yabaciriye inzira? Noneho, tujiye kureba icyo Yakoze mu gihe cyashize.

Mu gihe cya Nowa, Yitayeho! Yohereje umuhanuzi, kandi Yaciye inzira, Yarayiberetse, kandi Yabaciriye inzira yo kurokoka, kandi barokotse urubanza. Kandi Yabitayeho. Turabona ko Yabagejeje ahantu Ya, mu minsi ya nyuma, aho (bose) mbere yuko urubanza rukomeye rukubita, Yabitayeho cyane k'uburyo Yateguye inzira kugira ngo bashobore kwinjira kandi babohoke urubanza rwose rw'igihe kizaza.

Noneho, Yakoreye ibyo abatoranijwe. Noneho, turabizi. Yabikoreye abatoranijwe, gusa abatoranijwe, rwose! Ni bo bemeye ubwo bwoko bw'Ubuzima. Bari bo bagenewe kubibona. Bari bo. Twebwe twese, niba twizera Bibiliya, biradukwiye kwizera gutoranywa mbere. Murabona? Ni byo. Imana ntishaka ko hagira n'umwe urimbuka, ahubwo Yari izi uzabyemera n'utazabyemera.

81 Kandi Yitaye k'ubwoko Bwayo bwatoranijwe mu gihe cyo guseniyuka kwa Egiputa. Bari aho mu misiri kandi bari barahindutse abacakara. Mu gihe cya Mose, Yitaye k'ubwoko. Yaboherereje iki? Umuhanuzi, na none. Ese ni byo? Kandi yatandukanije ubwoko Bwayo n'isi y'abatizera, n'urubanza rw'igihe kizaza rw'icyo gihe. Yarabikoze? Yitayeho igihe ibyaha bya Egiputa byari bigeze ku gasongero k'uburyo Imana yagombye kohereza urubanza, mu by'ukuri Yari yarabibwiye Aburahamu iti "Kandi Nzakorana na ririya shyamba." Aho kubamenaho umujinya Wayo bose, Yabitayeho. Yaboherereje umuhoza. Yaboherereje Ijambo Ryayo. Kandi igihe cyose Yohereza Ijambo ikoresheje umuhanuzi Wayo, nk'uko Yabikoze mu gihe cya Nowa. Yakoze ikintu kimwe mu gihe cya Nowa. Mu gihe cya Eliya. . . cyangwa cya Mose, turabona ko Yakoze ikintu kimwe. Yaboherereje umuhanuzi Wayo, kandi bitandukanije no kutizera. Noneho, ni ubwo bwoko bwashokaga. . . Ni ubwo bwoko bwabyizeye. Bizeye Mose, ko yari... Mu maso ya Farawo, yari umwiyemezi (umufana), yari umurozi, yari indyarya, yari ikintu giteye ubwoba. Ariko ku bantu batoranijwe, basohotse bijyanye n'Ijambo ry'Imana (Nzabasohora), kuri bo yari umuhanuzi. Yari ijwi Imana yatanze. Murebe, baramwizeye kandi barokoka urubanza rw'icyo gihe. Bizeye Mose.

82 Kandi Yavuze ko Yanitaye k'ukubasohora, kandi Yabitayeho mu gihe cy'urugendo nyuma yo gusohoka kwabo. Amina. Icyabaye mu mubiri, kiba mu mwuka. Yitayeho. Kubera iki? Yabahaye ibyo bari bakomeye byose mu gihe cy'urugendo rwabo. Yarabikoze? Yarabakijije igihe barwaraga Yatanze igisubizo k'ugukira, Yatanze igisubizo mu nzira ku bw'uburwayi bwabo. Yatanze igisubizo ku nzo - inzoka y'umuringa, bashoboraga kureba iyo nzoka y'umuringa, ikimenyetso cy'icyaha, kandi bagakira. Yarabagaburiye mu gihe bari mu nzira; ahatari hari umutsima, Yagushije umutsima wo mu ijuru. Yarabagaburiye. Si ibyo gusa, ahubwo Yarabambitse, yerekana ko Yita ku bitaho.

83 Niba biteguye kwatura, kwihana, kwizera no kwemera, Imana yitaho! Ariko mukwiye mbere na mbere kwitaho, mugomba kwemera icyo Yaboherereje. Yabitayeho cyane k'uburyo bahamyaga ko nta kosa ryari

rihari, Yahamirije umuhanuzi Wayo n'ikimenyetso cy'Inkingi y'Umuriro, kugira ngo bafashe ubwoko kubona ko rwose bitari umuntu wagendaga aho, ko yari Imana yari rwose hejuru ye, ko yari Yo yayoboraga. Imana yita ku bitaho. Imana yita kubayitaho. Rwose Yahamirije uwo mugabo kandi yerekana ko yari umugaragu w'Imana, iboherereza Inkingi y'Umuriro kugira ngo ibayobore mu gihugu ndetse. Kandi bari bazi ko igihe cyose icyo kimenyetso cy'Umuriro, Inkingi y'Igicu n'Umuriro byabaherekezaga... Bivugwa ko Itagaruraga Inkingi y'Umuriro n'Igicu. Yabanye nabo imyaka n'imyaka mu butayu, imyaka mirongo ine. Ese ni byo? Iyo Nkingi y'Umuriro yarabayoboraga! Turi mu mwaka wacu wa mirongo itatu na gatatu, hasigaye na none imyaka irindwi kugira ngo bibe ikigereranyo kimwe. Byiza cyane, Inkingi y'Umuriro yarabayoboraga. Yabitayeho. Kandi Yabitayeho cyane k'uburyo Yabaretse bakamenya ko bitari ikintu runaka cy'ubumenyi, ntibyari ikinyoma, ahubwo Yahamirije Ubutumwa, mu kubigaragaza.

84 Yanitaye neza k'umugore w'umunyamahanga utari Umunya Israel. Ntiyari umunyamuryango w'iryo tsinda, ahubwo yari umunyamahanga, umuperesebiteriyene, umumetodisite cyangwa ikintu nk'icyo, yari uwo k'urundi ruhande. Ariko igihe yumvaga. . . Izina rye ryari Rahabu, yari atuye. . . Yari indaya. Ariko igihe yamenyaga ko Imana yari mu Nkingi y'Umuriro kandi ko Yabayoboraga, yaravuze ati "Yambaje Imana, yahamirije imbabazi zijyanye n'intasi zari zaje kugenzura igihugu. Kubera ko yahangayikishijwe nawe ubwe n'ubwoko bwe, Imana yamwitayeho k'uburyo iyo ndaya yahaye ubuzima bwayo Krisitu, ku bw'impamvu, mu by'ukuri yari yarabonye ikimenyetso cy'Imana idasanzwe, kandi yaramyaga imana ze aho mu idini rye bwite. Ariko igihe yabonaga icyo kimenyetso gihebuje kidasanzwe, yatereye hejuru kandi asaba imbabazi, imbazi k'umuryango we, kandi Imana yamwitayeho neza k'uburyo umujyi wose wahirimye, amatafari amwe ku yandi, ariko nta buye na rimwe ry'inzu ye ryanyeganyeze. Yitaho! Nubwo yari umunyamahanga kazi, atari muri ryo tsinda, muri icyo gihe, ariko Yitayeho. Igihe cyose Yitaho.

Yaitaye kuri Eliya igihe we, nawe gusa yitaga ku Mana.

85 Aleluya! Ni aho tugeza "Muyikoreze imitwaro, kuko Ibitaho." Petero, abwira abasaza, abatoranijwe, abasaza n'abandi mu itorero, yaravuze ati "Muyikoreze imitwaro, kuko Ibitaho. Byose mubishyire aho, kubera ko mwera imbere y'Imana. Mugenda nk'abagaragu b'Imana."

Imana yitaye kuri Eliya kubera ko Eliya yitaye ku Mana. Abandi babwirizabutumwa bose batakaje iyerekwa ry'icyo gihe, batakaje ubushake bw'Imana n'urukundo kw'Ijambo Ryayo, kandi byose byari byarahindutse ibigezweho. Ariko nta cyo bivuze cyane urwego Yezabeli, umudamu wa mbere w'igihugu, yari yarabagize abagezweho, nta cyo bivuze cyane ukuntu abandi babwirizabutumwa barekaga abagore bagakora kandi bakitwara. Eliya yabaciriyeho iteka mu Izina ry'Umwami. Yitaga ku byo Imana yavuze, kandi noneho Imana yitaye ku byo Eliya yavugaga, mu by'ukuri, yavugaga Ijambo ry'Umwami. Imana yitaho igihe mwitayeho, ariko mukwiye kwitaho bwa mbere.

86 Murebe, Yitayeho igihe Yazanaga Eliya, n'Ijambo Ryayo, hagati y'amadini. Twavugaga ko yari yaciwe intege n'inzara, mu gihe hatari ibyacumi n'amaturu byamugeragaho. Ariko Imana yitaye cyane kuri Eliya, Ntiyamuretse ngo yicwe n'inzara mu gihe yubahaga Ijambo ry'Imana. Yategetse ibiyoni kumugaburira. Yitaye kuri Eliya kubera ko Eliya yayitayeho, kandi Ni Ijambo.

87 Yitaye kuri Daniyeli, nyuma yuko Daniyeli yari yitaye cyane ku Ijambo ry'Imana kugira ngo asenge n'umutima umenetse cyane. Nta cyo kivuze cyane icyo Umwami yavugaga ati "Sinkishaka ko bikorwa", Eliya yafunguye neza amadirishya, areba i Yerusalemu noneho arasenga. Yitaye ku Mana, kandi Imana yitaye kuri Eliya. Daniyeli yitaye ku Ijambo ry'Imana, kandi Imana yitaye kuri Eliya. Yohereje Inkingi y'Umuriro yateye ubwoba iyo ntare imwigiza kure ye kandi yagumye aho ijoro ryose. Imana yitayeho kubera ko Daniyeli yitayeho. Yego, yego. Yasenze n'umutima umenetse, azi ko byari bumusabe kujugunywa mu rwobo rw'intare, ntiyubahaga amabwiriza y'amadini. Ahubwo yapfukamye iruhande rw'idirishya, nta gutinya icyo umuntu yavugaga. Yafunguraga cyane amadirishya, kubera ko byari itegeko ry'Imana, kandi yasengaga n'umutima umenetse no mu bunyangamugayo Imana buri munsu. Yitaga ku Mana no ku itegeko Ryayo, kandi Imana, nyuma, na Yo Yitaye kuri Daniyeli no k'ubusabe bwe, icyemezo cye. Daniyeli yitaga ku Mana no ku Ijambo Ryayo, kandi Imana yitaye kuri Daniyeli no ku cyemezo cye ku Ijambo. Izabikora buri gihe. Amina.

88 Yitaye ku bana b'abaheburayo igihe bubashye bivuye k'umutima kandi bakita k'ukwizera bahawe rimwe na rizima, Ijambo ry'Imana. Yabitayeho cyane k'uburyo igihe bavuzaga impanda. . . Bari bafite itegeko ry'Imana rivuga riti "Ntimuzapfukame imbere y'imana ya gipagani, imbere y'ibishushanyo bibaje. Ntimuzapfukame, ntimuzaziramye." Byari ibi itegeko. Kandi igihe bavuzaga impanda kandi bakavuga bati "Turajugunya abatabikoze mu itanura", Babyitayeho cyane k'uburyo bateye umugongo igishushanyo kibaje. Ni byo. Imana yabitayeho cyane k'uburyo igihe bamaraga gucana, Yohereje Umuntu wa kane aho mu itanura ryaka, kandi ibarinda mu buheheri. Yitayeho kubera ko nabo bitayeho.

89 Niba mushaka kwihambira ku mahame y'idini, Imana ntiyita ku byo mukora. Niba ari byo mushaka gukora, Ntizigera ibitaho, kubera ko mukora icyo umuntu yavuze. Ariko nimwihambira ku Ijambo ry'Imana, kwatura kwanyu kuvuye k'umutima kandi k'ukuri, kandi mukizera ko Imana ari Umukiza, umwe ejo hashize, uyu munsu n'iteka ryose, Izabitaho.

Ubwo rero Yitayeho, Yitaye ku bana b'Abaheburayo, kandi Yaboherereje Umuntu wa kane kugira ngo ababohore, yari Krisitu. Turabizi.

Igihe ababembe batakaga bati "Mwami!" Ababembe icumi baraje noneho bataka bivuye k'umutima bati "Mwami, tugirire impuhwe." Bari babirambiwe kugira ngo yite ku byo bari bakeneye, Yari afite ubushobozi bwo kubitaho. Yitaye ku babembe, kubera ko ababembe bari bitaye k'ukwatura kwabo, kumwita "Umwami."

90 Yitayeho, nyuma yuko umusirikare ukomeye yitayeho cyane kugira ngo yohereze abo gushaka Yesu. Igihe umusirikare ukomeye yerekanye mu kwizera ko yaretse ibigirwamana by'i Roma, kandi ko yitaye cyane (binyuze mu buhanya ku mugaragaro) kugira ngo bajye kumushaka ngo amukirize umuhungu we, Yesu yitaye cyane kujya kumukiza. Yitaho igihe mwitayeho. Ubwo mukwiye kwitaho bwa mbere. Yitayeho.

Yitayeho igihe Jairus yari yitaye cyane kuri Yesu; yari umwizera mu ibanga. Yizeraga ko Yesu yari mu kuri, ariko bitewe n'umwanya we mu idini, ntiyashoboraga kuza kubyatura; ariko igihe agakobwa ke karwaraga kandi kagapfa, Jairus yari abizi, mu kureba urupfu rw'umukobwa we, cyangwa kugira ngo asobanure ikibazo cye, yitayeho cyane kugira ngo acireho urubanza abatizera bari bamuzengurutse, yazanye ingofero ye ntoya y'umubwirizabutumwa, yajyiye kureba Yesu. Igihe Jairus yerekanye ko yitagaho, Yesu yerekanye ko Yitaye k'ukuza kuzura umukobwa ukiri muto mu bapfuye. Mumwikoreze imitwari y'ibibazo byanyu, kuko Yitaho! Nta cyo bivuze cyane icyo ari cyo cyose, Yitaho!

91 Yitayeho cyane igihe ndetse hatari hariho itegeko nk'iryo, nta kintu cyari gihari cyo kuvuga, Ntiyari yarigeze abivugaho, ariko Yitayeho kubera ko umugore muto ntiyashoboraga kwinjira mu murongo w'amasengesho, kandi yaribwiye ati "Nshoboye gukora k'umusozo w'umwenda We, ndamwizera." Yitaye k'ukwizera kwe muri ibyo, ku buryo Yahindukiye kandi akamuhamagara mu giterane cy'abantu kandi Akamubwira ko ukwizera kwe kwamukijije. Yitayeho kubera ko umugore yitayeho.

Yitayeho igihe umusazi witwaga umukuru w'amadayimoni yitayeho cyane, yari ahanganye n'imbaraga yamurwanyaga, yanyereye muni y'ayo mabuye yo ku bituro, hagati y'amadayimoni kandi yarasohotse kugira ngo ahure na Yesu, kandi arapfukuma. Igihe, itsinda ry'amadayimoni! Ayo madadayimoni ntiyari bwigire asohoka iyo uwo wari ufite abadadayimoni ataza kwicira inzira kugira ngo amusange. Kandi igihe yitaga cyane ku gutanga uwo muhate, gufata icyemezo bijyanye no kwizera kwe, Yesu yitaye cyane k'ukwirukana ako gatsiko k'amadayimoni muri we, kandi uburwayi bwe bw'imitsi yo mu bwonko bwaragiye. Yitayeho igihe mwe, mwitayeho. Yego, yego. Yitaho igihe mwitayeho.

92 Noneho, igihe umuntu w'impumyi yatereye hejuru ku nzugi z'i Yeriko ati "O Yesu!" Kuko yari Umuyuda, w'umunyedini ukurikiza amategeko, wari ufite inyungu z'umwanya mwiza mu isinagoge, ariko igihe yabazaga ati "Ni iki urwo rusaku?"

Baravuze bati "Ni Yesu w'i Nazareti unyuzeho, umuhanuzi."

Yaravuze ati "Yesu, Wowe mwene Dawidi!" Yoo, mbega ukuntu byari umugayo k'umushumba we n'abatambyi bari bahagaze aho. Ariko ntiyitaye ku cyo umushumba, umutambyi cyangwa undi umuntu uwo ari we wese yavugaga, Yari afite inyungu! Kandi yitaye k'uguhumeka, kandi yahamagaye n'ijwi riranga! Kandi igihe uwo mugabo w'impumyi yari yiteguye, yitaye ku guhamagara n'ijwi riranga, Yesu yitaye cyane ku kumukiza. Uko Yari ejo, ni ko Ari uyu muni n'iteka ryose! Yitaho iyo mwitayeho, mugomba kwitaho bwa mbere. Mugomba kugaragaza ko mwitayeho.

93 Yitayeho cyane ko igihe umugore wabanaga n'abagabo batandatu, yatandukanije, akamenye kandi akibuka ikimenyetso cye cya Mesiya cyo kurondora, Yitaye cyane ku kumubabarira buri cyaha no kumuha amazi Atari bwigere aza kuvuma, kubera ko yibutse. Yaravuze ati "Mwami, ndabona ko Uri umuhanuzi ", igihe Yari amaze kumubwira ikitaragendaga muri we. Kandi Ba, yari ategereje uwo muni, gusa yashakishaga muri buri torero, ntiyari yaragize uburyo bwo kubikora. Ariko igihe yabonaga Umuntu washoboraga kumuhishurira ikitaragendaga muri we, yaravuze ati "Mwami, ndabona ko Uri umuhanuzi. Nzi ko Mesiya naza Azakora ibyo bintu."

Yaravuze ati "Ndi we."

Birarambiranye! Yitayeho. Yasize ikibindi cye, yinjira mu muji, noneho aravugaga ati "Muze murebe Umuntu wambwiye ibyo nakoze. Ntiyaba ari Mesiya ndetse?" Yari ameze nka Rahabu, yitayeho k'uburyo yakanguye unujyi wose. Yitayeho kubera ko ikintu runaka cyari cyakozwe, Ibyanditswe byahamirijwe byari byasohoye kandi byari byo mu buryo nta kuka, kandi yari yitayeho. Ntiyitaye ku byo abantu bavugaga cyangwa ku byo undi muntu yavugaga; yari yabibonye, yari aho igihe byabaga. Yitayeho. Kandi yitayeho ku bw'abanyamuryango b'umuryango we k'uburyo yabibwiye buri umwe muri bo, kandi ibyo byatumye umujyi wose wizera Yesu Krisitu. Yitayeho, kandi na We yitayeho. Nta gushidikanya, Yarabikoze.

94 Yesu yitaye cyane k'Ubutumwa bw'uyu muni kugira ngo asohoze iyo mirimo imwe nk'uko Yari

yarabivuze, k'uburyo Yapfuye kandi akazuka kugira ngo abyohereze n'Umwuka Wera, Umuhoza, kugaragaza ubukozi Bwe uyu muni, ibyerekanako ko Ahari ari muzima. Yitayeho cyane. Ntidushakako kwitaho? Iki ni cyo kibazo, ntidushakako kwitaho? Yapfiriye ubu bukozi. Yapfuye ngo Umwuka Wera ube aha muri uyu muni kugira ngo ugaragaze ibi bintu. Yabitayeho. Yitaye kubizana aha. Yitaye ku kubitangaza. Yitayeho kubera ko Yabakundaga. Yitayeho cyane kugira ngo ibikore, kohereza Umwuka Wera ku bw'ibi, kugira ngo ugaragaze ubwo bukozi uyu muni.

Ni ku bw'ibyo Yagaragaje ko Yitayeho kuri uwo muni, kubera ko Yaje guhamiriza icyo Imana yavuze ko Azaba. Ni yo mpamvu umugore yamumenye. Yaravuze ati "Nzi ko Mesiya naza, Azaba umuhanzi. Mesiya naza, Azaduhishurira ibyo bintu." Murabona, Yitaye cyane ku Ijambo ry'Imana kugira ngo arihamirize ku bwe. Amina.

95 Noneho, Yohereje Umwuka Wera, kuri uwo muni w'imyumvire y'ubwenge, kugira ngo Ashobore n'Umwuka Wera umwe kwerekana anyuze muri twe ko igihe cyose Ari Mesiya, kubyerekana mu buryo bumwe. Uko Yari ejo, ni ko Ari uyu muni n'iteka ryose. Noneho, dore ikibazo: Mwitaho? Ni iki mubitekerezaho? Ni byo. Ibyo byagaragajwe inshuro nyinshi. Mwita cyane ku kubyizera? Mwita cyane ku kwatura ibyaha byanyu, ko muri mu ikosa? Mwature kutizera kwanyu kandi mubyemere. Mwita cyane ku kubyemera? Yitaye cyane ku gupfa no kuzuka, kugira ngo abazanire ibyo. Mwita cyane ku kubyakira? Ndatekerezaho ko ibyo byagaragajwe mu buryo bwuzuye, kuva mu gihe cya Nowa, kuva aho kure mu Itangiriro. Ntidufite igihe cyo kubivugaho. Ariko murabona ko Yitaho, kandi Yapfuye ngo mushobore kwitaho, ngo mushobore kugira inzira. Kandi Yaciye iyo nzira. Avuga icyo iyo nzira izaba neza, izakora, kandi ubu Ngiyi aha uyu muni, yerekana ko ari ukuri. Noneho, muri iyi saha mbi turimo, mubwitaho cyane, n'umutima wanyu wose, murabyizera?

